Ibirimo/Summary/Sommaire page/urup.

A. Itegeko Ngenga/Organic Law/Loi Organique

Nº05/2011/OL ryo kuwa 25/11/2011
Itegeko Ngenga rikuraho Itegeko Ngenga nº 22/2004 ryo kuwa 13/08/2004 rishyiraho amategeko ngengamikorere y'Abashinjacyaha n'abakozi bo mu Bushinjacyaha nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu……2
Nº05/2011/OL of 25/11/2011
Organic Law repealing Organic Law nº 22/2004 of 13/08/2004 on the statute of Public Prosecutors and personnel of the Public Prosecution Service as modified and complemented to date……2
Nº05/2011/OL du 25/11/2011
Loi Organique portant abrogation de la loi organique nº 22/2004 du 13/08/2004 portant statut des officiers du Ministère Public et du personnel du Parquet telle que modifiée et complétée á ce jour……2

B. Amategeko/Laws/Lois

N°44 bis/2011 ryo kuwa 26/11/2011
Itegeko rigena sitati y'abashinjacyaha n'abandi bakozi bo mu Bushinjacyaha Bukuru.....6
N°44 bis/2011 of 26/11/2011
Law governing the statute of prosecutors and other staff of the National Public Prosecution Authority.....6
N°44 bis/2011 du 26/11/2011
Loi portant statut des officiers de poursuite judiciaire et des autres membres du personnel de l'Organe National de Poursuite Judiciaire……..…6

Nº07/2012 ryo kuwa 29/02/2012
Itegeko rishyiraho ibitaro bya gisirikare by'u Rwanda (RMH) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byabyo.....68
Nº07/2012 of 29/02/2012
Law establishing Rwanda Military Hospital (RMH) and determining its mission, organization and functioning.....68
Nº07/2012 du 29/02/2012
Loi portant création de l'Hôpital Militaire du Rwanda (RMH) et déterminant ses missions, son organisation et son fonctionnement……...68

N°08/2012 ryo kuwa 29/02/2012
Itegeko rishyiraho Ikigo cya Gisirikare cy'Ubwishingizi ku Ndwara (MMI) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo.....82
N°08/2012 of 29/02/2012
Law establishing Military Medical Insurance (MMI) and determining its mission, organization and functioning……82
N°08/2012 du 29/02/2012
Loi portant création de l'Assurance Maladie des Militaires (MMI) et déterminant ses missions, son organisation et son fonctionnement……...82

ITEGEKO NGENGA Nº05/2011/OL RYO KUWA 25/11/2011 RIKURAHO ITEGEKO NGENGA Nº 22/2004 RYO KUWA 13/08/2004 RISHYIRAHO AMATEGEKO NGENGAMIKORERE Y'ABASHINJACYAHA N'ABAKOZI BO MU BUSHINJACYAHA NK'UKO RYAHINDUWE KANDI RYUJUJWE KUGEZA UBU

ORGANIC LAW Nº05/2011/OL OF 25/11/2011 REPEALING ORGANIC LAW Nº 22/2004 OF 13/08/2004 ON THE STATUTE OF PUBLIC PROSECUTORS AND PERSONNEL OF THE PUBLIC PROSECUTION SERVICE AS MODIFIED AND COMPLEMENTED TO DATE

LOI ORGANIQUE Nº05/2011/OL DU 25/11/2011 PORTANT ABROGATION DE LA LOI ORGANIQUE Nº 22/2004 DU 13/08/2004 PORTANT STATUT DES OFFICIERS DU MINISTERE PUBLIC ET DU PERSONNEL DU PARQUET TELLE QUE MODIFIEE ET COMPLETEE A CE JOUR

ISHAKIRO

Ingingo ya mbere: Ivanwaho ry'itegeko ngenga

Ingingo ya 2: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko ngenga

Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko anyuranyije n'iri tegeko ngenga

Ingingo ya 4: Igihe iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa

TABLE OF CONTENTS

Article One: Repealing of the Organic Law

Article 2: Drafting, consideration and adoption of this Organic Law

Article 3: Repealing provision

Article 4: Commencement

TABLE DES MATIERES

Article premier: Abrogation de la loi organique

Article 2: Initiation, examen et adoption de la loi organique

Article 3: Disposition abrogatoire

Article 4: Entrée en vigueur

ITEGEKO NGENGA Nº05/2011/OL RYO KUWA 25/11/2011 RIKURAHO ITEGEKO NGENGA Nº 22/2004 RYO KUWA 13/08/2004 RISHYIRAHO AMATEGEKO NGENGAMIKORERE Y'ABASHINJACYAHA N'ABAKOZI BO MU BUSHINJACYAHA NK'UKO RYAHINDUWE KANDI RYUJUJWE KUGEZA UBU

ORGANIC LAW Nº05/2011/OL OF 25/11/2011 REPEALING ORGANIC LAW Nº 22/2004 OF 13/08/2004 ON THE STATUTE OF PUBLIC PROSECUTORS AND PERSONNEL OF THE PUBLIC PROSECUTION SERVICE AS MODIFIED AND COMPLEMENTED TO DATE

LOI ORGANIQUE Nº05/2011/OL DU 25/11/2011 PORTANT ABROGATION DE LA LOI ORGANIQUE Nº 22/2004 DU 13/08/2004 PORTANT STATUT DES OFFICIERS DU MINISTERE PUBLIC ET DU PERSONNEL DU PARQUET TELLE QUE MODIFIEE ET COMPLETEE A CE JOUR

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezid wa Republika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO NGENGA RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING ORGANIC LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA.

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI ORGANIQUE DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

THE PARLIAMENT:

LE PARLEMENT:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 11 Ugushyingo 2010;

The Chamber of Deputies, in its session of 11 November 2010;

La Chambre des Député, en sa séance du 11 novembre 2010 ;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 27 Ukuboza 2010;

The Senate, in its session of 27 December 2010;

Le Sénat, en sa séance du 27 décembre 2010;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 60, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92 iya 93, iya 94, iya 95, iya 108, iya

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 60, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 113, 160, 166, 201 and 202;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 60, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 113, 160, 166, 201 et 202;

113, iya 160, iya 166, iya 201 n'iya 202;

Isubiye ku Itegeko ngenga nº 22/2004 ryo kuwa 13/08/2004 rishyiraho amategeko ngengamikorere y'abashinjacyaha n'abakozi bo mu bushinjacyaha nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu;

Having reviewed Organic Law nº 22/2004 of 13/08/2004 on the statute of public prosecutors and the personnel of Public Prosecution as modified and complemented to date;

Revu la Loi Organique nº 22/2004 du 13/08/2004 portant statut des officiers du Ministère Public et du personnel du parquet telle que modifiée et complétée à ce jour;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOPTE:

Ingingo ya mbere: Ivanwaho ry'itegeko ngenga

Itegeko ngenga nº 22/2004 ryo kuwa 13/08/2004 rishyiraho amategeko ngengamikorere y'abashinjacyaha n'abakozi bo mu bushinjacyaha nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu rivanweho.

Article One: Repealing of the Organic Law

The Organic Law nº 22/2004 of 13/08/2004 on the statute of public prosecutors and the personnel of Public Prosecution as modified and complemented to date is repealed.

Article premier: Abrogation de la loi organique

La Loi Organique nº 22/2004 du 13/08/2004 portant statut des officiers du Ministère Public et du personnel du parquet telle que modifiée et complétée à ce jour est abrogée.

Ingingo ya 2: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko ngenga

Iri tegeko ngenga ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'ikinyarwanda.

Article 2: Drafting, consideration and adoption of this Organic Law

This Organic Law was drafted, considered and adopted in Kinyarwanda.

Article 2: Initiation, examen et adoption de la loi organique

La présente loi organique a été initiée, examinée et adoptée en kinyarwanda.

Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko anyuranyije n'iri tegeko ngenga

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri tegeko ngenga kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Article 3: Repealing provision

All previous legal provisions inconsistent with this Organic Law are hereby repealed.

Article 3: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi organique sont abrogées.

Ingingo ya 4: Igihe iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 25/11/2011

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Article 4: Commencement

This Organic Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 25/11/2011

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

Article 4: Entrée en vigueur

La présente loi organique entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 25/11/2011

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITEGEKO N°44 bis/2011 RYO KUWA 26/11/2011 RIGENA SITATI Y'ABASHINJACYAHA N'ABANDI BAKOZI BO MU BUSHINJACYAHA BUKURU

ISHAKIRO

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Ingingo ya 2: Ibyiciro by'Abashinjacyaha

Ingingo ya 3: Abashinjacyaha b'umwuga

Ingingo ya 4: Abashinjacyaha ba Gisirikare

Ingingo ya 5: Abashinjacyaha bagengwa n'amasezerano y'umurimo

Ingingo ya 6: Abakozi bunganira Abashinjacyaha

Ingingo ya 7: Uburyo abashinjacyaha Bakurikirana

Ingingo ya 8: Uburyo abashinjacyaha n'abakozi bo mu Bushinjacyaha Bukuru basumbana

LAW N°44 bis/2011 OF 26/11/2011 GOVERNING THE STATUTE OF PROSECUTORS AND OTHER STAFF OF THE NATIONAL PUBLIC PROSECUTION AUTHORITY

TABLE OF CONTENTS

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One : Purpose of this Law

Article 2: Categories of Prosecutors

Article 3: Career Prosecutors

Article 4: Military Prosecutors

Article 5: Contractual Prosecutors

Article 6: Assistants of Prosecutors

Article 7: Hierarchy of Prosecutors

Article 8: Precedence of Prosecutors and other members of staff of the National Public Prosecution Authority

LOI N°44 bis/2011 DU 26/11/2011 PORTANT STATUT DES OFFICIERS DE POURSUITE JUDICIAIRE ET DES AUTRES MEMBRES DU PERSONNEL DE L'ORGANE NATIONAL DE POURSUITE JUDICIAIRE

TABLE DES MATIERES

CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES

Article premier: Objet de la présente loi

Article 2: Catégories des officiers de poursuite judiciaire

Article 3: Officiers de poursuite judiciaire de carrière

Article 4 : Auditeurs militaires

Article 5: Officiers de poursuite judiciaire contractuels

Article 6: Assistants des officiers de poursuite judiciaire

Article 7: Hiérarchie des officiers de poursuite judiciaire

Article 8: Préséance des Officiers de poursuite judiciaire et des autres membres du personnel de l'Organe National de Poursuite Judiciaire

UMUTWE WA II: ABASHINJACYAHA	**CHAPTER II: PROSECUTORS**	**CHAPITRE II: OFFICIERS DE POURSUITE JUDICIAIRE**
Icyiciro cya mbere: Gutangira no gukora umurimo w'Ubushinjacyaha	**Section One: Assuming of office and discharge of responsibilities of prosecution**	**Section première: Entrée en service et exercice de la fonction de poursuite judiciaire**
Ingingo ya 9: Gutangaza imyanya idafite abayirimo	**Article 9: Advertising vacant posts**	**Article 9: Annonce des postes vacants**
Ingingo ya 10: Ibisabwa ushaka gukora umurimo w'umushinjacyaha	**Article 10: General Requirements**	**Article 10: Conditions générales requises**
Ingingo ya 11: Ibisabwa byihariye ku Mushinjacyaha uyobora ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye	**Article 11: Specific requirements for the Chief Intermediate Prosecutor**	**Article 11: Conditions spécifiques requises pour être Procureur en chef au niveau de Grande Instance**
Ingingo ya 12: Ibisabwa byihariye ku bagize Biro y'Umushinjacyaha Mukuru	**Article 12: Specific requirements for the members of the Office of the Prosecutor General**	**Article 12: Conditions spécifiques requises pour les membres du Bureau du Procureur Général**
Ingingo ya 13: Gushyirwa mu mwanya w'ubushinjacyaha no mu rwego	**Article 13: Appointing a prosecutor and ranking**	**Article 13: Nomination de l'officier de poursuite judiciaire et affectation au rang**
Icyiciro cya 2: Igeragezwa ry'abashinjacyaha	**Section 2: Probation period for Prosecutors**	**Section 2: Stage probatoire des officiers de poursuite judiciaire**
Ingingo ya 14: Kwimenyereza umurimo w'Ubushinjacyaha	**Article 14 : Internership for Prosecutors**	**Article 14: Stage des officiers de poursuite judiciaire**
Ingingo ya 15: Kujuririra ibikubiye muri raporo yo kwimenyereza umurimo	**Article 15: Appealing for the report on the probation period**	**Article 15: Recours contre le rapport de stage**
Ingingo ya 16: Igihe icyemezo cy'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha kigirira agaciro	**Article 16: Date on which the decision of the High Council of the Public Prosecution commences**	**Article 16: Date à laquelle la décision du Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite prend effet**
Ingingo ya 17: Manda y'Abashinjacyaha	**Article 17 : Term of office of Prosecutors**	**Article 17: Mandat des officiers de poursuite judiciaire**

Icyiciro cya 3: Indahiro n'imyambaro by'abashinjacyaha	**Section 3: Oath and dress of the Prosecutors**	**Section 3: Serment et tenue des officiers de poursuite judiciaire**
Ingingo ya 18: Kurahira	**Article 18 : Taking oath**	**Article 18: Prestation de serment**
Ingingo ya 19: Imyambaro y'abashinjacyaha	**Article 19: Dress of the Prosecutors**	**Article 19: Tenue des officiers de poursuite judiciaire**
Ingingo ya 20: Umwambaro w'icyubahiro	**Article 20: Dignified gown**	**Article 20: Toge d'apparat**
Icyiciro 4: Imihanirwe y'abashinjacyaha	**Section 4: Disciplinary regime for prosecutors**	**Section 4: Régime disciplinaire des officiers de poursuite judiciaire**
Akiciro ka mbere: Ibihano	**Sub-section One: Sanctions**	**Sous-section prémière : Sanctions**
Ingingo ya 21: Ibihano	**Article 21: Sanctions**	**Article 21: Sanctions**
Ingingo ya 22: Ukutabangikana kw'ibihano	**Article 22: Non-cumul of sanctions**	**Article 22: Non-cumul des sanctions**
Ingingo ya 23: Ububasha bwo kwihanangiriza no kugaya Umushinjacyaha	**Article 23: Powers to give warning and blame to a Prosecutor**	**Article 23: Pouvoir de donner un avertissement et un blâme à l'officier de poursuite judiciaire**
Ingingo ya 24: Urwego rufite ububasha bwo guhana Umushinjacyaha	**Article 24: Competent authority to give disciplinary sanction to a Prosecutor**	**Article 24: Organe compétent pour exercer le pouvoir disciplinaire contre l'officier de poursuite judiciaire**
Ingingo ya 25: Ikurikirana ry'ibyaha byo mu rwego rw'akazi	**Article 25: Disciplinary action**	**Article 25: Exercice de l'action disciplinaire**
Ingingo ya 26: Guhagarika by'agateganyo umushinjacyaha	**Article 26: Suspension of a Prosecutor**	**Article 26: Suspension de l'officier de poursuite judiciaire**
Ingingo ya 27: Gusuzuma ihagarikwa ry'agateganyo	**Article 27: Examination of the suspension**	**Article 27: Examen de la suspension**
Akiciro ka kabiri: Imihango ikurikizwa mu mihanirwe y'abashinjacyaha	**Sub-section 2: Disciplinary procedure**	**Sous-section 2: Procédure disciplinaire**

Ingingo ya 28: Imihango ikurikizwa mu mihanirwe y'abashinjacyaha	**Article 28: Disciplinary procedure**	**Article 28: Procédure disciplinaire**
Ingingo ya 29: Gushyikiriza Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha ibirego	**Article 29: Submitting a complaint to the High Council of the Public Prosecution**	**Article 29: Saisine du Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite**
Ingingo ya 30*:* Itumizwa ry'Umushinjacyaha warezwe	**Article 30*:* Summoning the accused Prosecutor**	**Article 30*:* Convocation de l'officier de poursuite judiciaire mis en cause**
Ingingo ya 31: Uburenganzira bwo kumenya ibikubiye mu idosiye y'uregwa	**Article 31: Right to consult the file**	**Article 31: Droit à la communication du dossier**
Ingingo ya 32: Kumva umushinjacyaha ukurikiranwe	**Article 32: Hearing the accused prosecutor**	**Article 32: Audition de l'officier de poursuite judiciaire mis en cause**
Ingingo ya 33: Guhamagara umushinjacyaha ukurikiranwe	**Article 33: Summoning the accused Prosecutor**	**Article 33 : Citation à comparaître de l'officier de poursuite judiciaire mis en cause**
Ingingo ya 34: Kwitaba Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha	**Article 34: Appearing before the High Council of the Public Prosecution**	**Article 34: Comparution devant le Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite**
Ingingo ya 35: Gusubirishamo icyemezo cyafashwe	**Article 35 : Opposition of the decision**	**Article 35: Opposition à la décision**
Ingingo ya 36: Kwiregura k'Umushinjacyaha	**Article 36: Defence of the accused prosecutor**	**Article 36: Défense de l'officier de poursuite judiciaire**
Ingingo ya 37: Gufata ibyemezo mu muhezo	**Article 37: Deliberations in camera**	**Article 37: Délibérations à huis clos**
Ingingo ya 38 : Kumenyesha icyemezo cyafashwe	**Article 38 : Notification of the decision taken**	**Article 38: Notification de la décision prise**
Ingingo ya 39: Amategeko ngengamikorere	**Article 39: Internal Rules and Regulations**	**Article 39: Règlement d'Ordre Intérieur**
Icyiciro cya 5: Isuzumamikorere ry'abashinjacyaha	**Section 5: Performance appraisal of prosecutors**	**Section 5: Evaluation des performances pour les officiers de poursuite judiciaire**

Ingingo ya 40: Isuzumamikorere	**Article 40: Performance appraisal**	**Article 40: Evaluation des performances**
Ingingo ya 41: Amanota agayitse	**Article 41: Appraisal graded as poor**	**Article 41: Note médiocre**
Ingingo ya 42: Abayobozi bafite ububasha bwo gukora isuzumamikorere	**Article 42: Competent Authorities to do the performance appraisal**	**Article 42: Autorités compétentes pour faire l'évaluation professionnelle**
Ingingo ya 43: Guhabwa kopi z'inyandiko z'isuzumamikorere	**Article 43: Notifying the appraisal copies**	**Article 43: Signification des copies de l'évaluation**
Ingingo ya 44: Dosiye ya buri mushinjacyaha mu Bugenzuzi bw'Ubushinjacyaha Bukuru	**Article 44: Keeping file of prosecutor in the Inspectorate of the National Public Prosecution Authority**	**Article 44: Tenue de dossier d'officier de poursuite judiciaire au service de l'Inspection de l'Organe National de Poursuite Judiciaire**
Icyiciro cya 6: Aho umushinjacyaha ashobora kuba ari	**Section 6: Statutory positions of a prosecutor**	**Section 6: Position statutaire de l'officier de poursuite judiciaire**
Akiciro ka mbere: Iminsi y'akazi n'iy'ikiruhuko by'abashinjacyaha	**Sub-section One: Working days and leave of Prosecutors**	**Sous-section première: Jours de travail et congés des Officiers de poursuite judiciaire**
Ingingo ya 45: Ibyiciro Umushinjacyaha ashobora kuba arimo	**Article 45: Different statutory positions of a Prosecutor**	**Article 45: Différentes positions statutaires d'un officier de poursuite judiciaire**
Ingingo ya 46: Iminsi y'akazi n'ikiruhuko by'abashinjacyaha	**Article 46: Working days and leave of Prosecutors**	**Article 46: Jours de travail et congés des Officiers de poursuite judiciaire**
Ingingo ya 47 Ikiruhuko	**Article 47: Leave**	**Article 47: Congé**
Ingingo ya 48: Uruhushya rw'ikiruhuko	**Article 48: Authorised absence**	**Article 48: Permission d'absence**
Akiciro ka 2: Ugutizwa n'ugushyirwa ahandi k'umushinjacyaha	**Sub-section 2: Secondment and placement at another administration disposal**	**Sous-section 2: Détachement et mise à la disposition d'un autre service**
Ingingo ya 49: Ugutizwa	**Article 49: Secondment**	**Article 49: Détachement**
Ingingo ya 50: Amategeko agenga	**Article 50: Regulations governing a Prosecutor**	**Article 50: Règlement régissant l'officier de**

Umushinjacyaha watijwe	**on secondment**	**poursuite judiciaire en détachement**
Ingingo ya 51:Ugushyirwa ahandi	**Article 51: Placement at another administration disposal**	**Article 51: Mise à la disposition d'un autre service**
Ingingo ya 52: Urwego rufite ububasha bwo gutiza cyangwa gushyira ahandi Umushinjacyaha n'uburenganzira bw'uwatijwe cyangwa uwashyizwe ahandi	**Article 52: Competent authority to approve secondment or placement of a Prosecutor and rights of the concerned Prosecutor**	**Article 52: Autorité compétente pour approuver le détachement ou la mise à la disposition de l'officier de poursuite judiciaire et droits de l'officier de poursuite judiciaire concerné**
Ingingo ya 53: Ububasha bwo guhana Umushinjacyaha watijwe cyangwa washyizwe ahandi	**Article 53: Powers to take disciplinary measures against a prosecutor on secondment or placed at disposal of another administration**	**Article 53: Pouvoir de prendre des mesures disciplinaires à l'encontre de l'officier de poursuite judiciaire en détachement ou mis à la disposition d'un autre service**
Ingingo ya 54: Irangira ry'ugushyirwa ahandi cyagwa ugutizwa	**Article 54: End of placement at another administration disposal or secondment**	**Article 54: Fin de la mise à la disposition d'un autre service ou du détachement**
Akiciro ka 3: Guhagarikwa ku kazi by'agateganyo k'umushinjacyaha	**Sub-section 3: Temporary suspension of a Prosecutor**	**Sous-Section 3: Suspension provisoire de l'officier de poursuite judiciaire**
Ingingo ya 55: Guhagarikwa ku kazi by'agateganyo k'umushinjacyaha ku mpamvu z'uburwayi	**Article 55: Temporary Suspension of a prosecutor due to sickness**	**Article 55: Suspension provisoire de l'officier de poursuite judiciaire pour cause de maladie**
Ingingo ya 56: Gusubira mu kazi	**Article 56: Resumption of duty**	**Article 56: Reprise de service**
Ingingo ya 57: Uburenganzira bw'umushinjacyaha wahagaritswe ku kazi by'agateganyo kubera uburwayi	**Article 57: Rights of a prosecutor on temporary suspension due to sickness**	**Article 57: Droits de l'officier de poursuite judiciaire en suspension provisoire pour cause de maladie**
Ingingo ya 58: Guhagarikwa by'agateganyo bitewe n'ivanwaho ry'umwanya	**Article 58: Temporary suspension due to suppression of post**	**Article 58: Suspension provisoire pour cause de suppression de poste**
Akiciro ka 4: Gusaba kuba uhagaritse akazi k'ubushinjacyaha mu gihe kitazwi	**Sub-section 4: Leave of absence for non-specific period of a prosecutor**	**Sous-section 4: Mise en disponibilité de l'officier de poursuite judiciaire**

Ingingo ya 59: Gusaba kuba uhagaritse akazi k'ubushinjacyaha mu gihe kitazwi	**Article 59: Leave of absence for non-specific period**	**Article 59: Mise en disponibilité**
Ingingo ya 60: Kwemererwa guhagarika akazi k'umushinjacyaha n'ingaruka zabyo	**Article 60: Approval of leave of absence of a prosecutor and its effects**	**Article 60: Accord de mise en disponibilité de l'officier de poursuite judiciaire et ses effets**
Ingingo ya 61: Gusubizwa mu kazi k'umushinjacyaha wahagaritse akazi	**Article 61: Resumption of duty for a prosecutor who was on leave of absence for non specific period**	**Article 61: Reprise de service de l'officier de poursuite judiciaire mis en disponibilité**
Icyiciro cya 7: Kuva ku murimo w'ubushinjacyaha	**Section 7: Cessation of the duties of public prosecution**	**Section 7: Cessation des fonctions de poursuite judiciaire**
Ingingo ya 62: Kurangira k'umurimo w'ubushinjacyaha	**Article 62: End of the duties of public prosecution**	**Article 62: Fin des fonctions de poursuite judiciaire**
Akiciro ka mbere: Gusezererwa nta mpaka no kwegura ku bushake	**Sub-section One: Automatic dismissal and resignation**	**Sous-section première: Démission d'office et démission volontaire**
Ingingo ya 63: Gusezererwa nta mpaka	**Article 63: Automatic dismissal**	**Article 63: Démission d'office**
Ingingo ya 64: Kudashobora akazi	**Article 64: Professional incapability**	**Article 64 : Inaptitude professionnelle**
Ingingo ya 65: Amafaranga y'ishimwe	**Article 65: Terminal benefits**	**Article 65: Prime de cessation d'activités**
Ingingo ya 66: Kwegura ku bushake	**Article 66: Resignation**	**Article 66: Démission volontaire**
Akiciro ka 2: Kwirukanwa k'umushinjacyaha	**Sub-section 2: Expulsion of a prosecutor**	**Sous-section 2: Renvoi de l'officier de poursuite judiciaire**
Ingingo ya 67: Kwirukanwa burundu k'umushinjacyaha	**Article 67: Expulsion of a prosecutor**	**Article 67: Renvoi de l'officier de poursuite judiciaire**
Akiciro ka 3: Kujya mu kiruhuko cy'izabukuru k'umushinjacyaha	**Sous-section 3: Retirement of a prosecutor**	**Sous-section 3: Mise à la retraite de l'officier de poursuite judiciaire**

Ingingo ya 68: Imyaka y'ikiruhuko cy'izabukuru	**Article 68: Retirement age**	**Article 68: Age de la retraite**
Ingingo ya 69*:* Amafaranga y'ishimwe ahabwa umushinjacyaha ugiye mu kiruhuko cy'izabukuru	**Article 69: Retirement benefits of a prosecutor**	**Article 69: Indemnité de fin de carrière de l'officier de poursuite judiciaire**
Akiciro ka 4: Kuva ku murimo k'umushinjacyaha kubera urupfu	**Sub-section 4: Termination of a prosecutor's duties due to death**	**Sous-section 4: Fin des fonctions de l'officier de poursuite judiciaire suite au décès**
Ingingo ya 70: Amafaranga y'impozamarira	**Article 70: Death allowance**	**Article 70: Indemnité de décès**
Icyiciro cya 8: Izina ry'icyubahiro ku mushinjacyaha	**Section 8 : Honorary title of a prosecutor**	**Section 8: Titre honorifique de l'officier de poursuite judiciaire**
Ingingo ya 71: Izina ry'icyubahiro	**Article 71: Honorary title**	**Article 71: Titre honorifique**
Ingingo ya 72: Icyubahiro cy'umushinjacyaha wahawe izina ry'icyubahiro	**Article 72: Honours of a prosecutor who has been awarded an honorary title**	**Article 72: Honneurs de l'officier de poursuite judiciaire ayant reçu le titre honorifique**
Ingingo ya 73: Kwambura umushinjacyaha izina ry'icyubahiro	**Article 73: Withdrawal of honorary title to a prosecutor**	**Article 73: Retrait du tritre honorifique à l'officier de poursuite judiciaire**
UMUTWE WA III: ABANDI BAKOZI BO MU BUSHINJACYA BUKURU	**CHAPTER III: OTHER STAFF OF THE NATIONAL PROSECUTION AUTHORITY**	**CHAPITRE III: AUTRES MEMBRES DU PERSONNEL DE L'ORGANE NATIONAL DE POURSUITE JUDICIAIRE**
Ingingo ya 74: Abandi bakozi bo mu Bushinjacyaha Bukuru	**Article 74: Other staff of personnel of the National Public Prosecution Authority**	**Article 74: Autres membres du personnel de l'Organe National de Poursuite Judiciaire**
Ingingo ya 75: Ibisabwa kugira ngo umuntu abe Umugenzuzi w'Ubushinjacyaha Bukuru	**Article 75: Requirements to be appointed as an Inspector of the National Public Prosecution Authority**	**Article 75 : Conditions requises pour être nommé Inspecteur de l'Organe National de Poursuite Judiciaire**
Ingingo ya 76: Ibisabwa kugira ngo umuntu	**Article 76: Requirements to be appointed as**	**Article 76: Conditions requises pour être nommé**

abe Umunyamabanga Mukuru w'Ubushinjacyaha Bukuru	**Secretary General of the National Public Prosecution Authority**	**Secrétaire Général de l'Organe National de Poursuite Judiciaire**
Ingingo ya 77: Ibisabwa kugira ngo umuntu abe umukozi wunganira abashinjacyaha	**Article 77: Requirements to be appointed assistant of prosecutors**	**Article 77: Conditions requises pour être nommé assistant des officiers de poursuite judiciaire**
Ingingo ya 78: Imihanirwe y'abakozi bunganira abashinjacyaha	**Article 78: Disciplinary regime for assistants of prosecutors**	**Article 78: Régime disciplinaire des assistants des officiers de poursuite judiciaire**
Ingingo ya 79: Kubika idosiye y'abakozi bunganira abashinjacyaha	**Article 79: Keeping files of assistants of prosecutors**	**Article 79: Tenue des dossiers des assistants des officiers de poursuite judiciaire**
Ingingo ya 80: Abandi bakozi bakenewe	**Article 80: Other required staff**	**Article 80: Autres membres du personnel requis**
UMUTWE WA IV: UMUSHAHARA N'IBINDI BIGENERWA ABASHINJACYAHA N'ABANDI BAKOZI BO MU BUSHINJACYAHA BUKURU	**CHAPTER IV: SALARY AND OTHER BENEFITS OF PROSECUTORS AND OTHER MEMBERS OF PERSONNEL OF THE NATIONAL PUBLIC PROSECUTION AUTHORITY**	**CHAPITRE IV: SALAIRE ET AUTRES AVANTAGES DES OFFICIERS DE POURSUITE JUDICIAIRE ET AUTRES MEMBRES DU PERSONNEL DE L'ORGANE NATIONAL DE POURSUITE JUDICIAIRE**
Icyiciro cya mbere: Umushahara	**Section One: Salary**	**Section première: Salaire**
Ingingo ya 81: Umushahara	**Article 81: Salary**	**Article 81: Salaire**
Ingingo ya 82: Guhabwa umushahara n'ibindi manda irangiye	**Article 82: Payment of salary and benefits after the term of office**	**Article 82: Salaire et autres avantages à la fin du mandat**
Ingingo ya 83: Kuvurwa kw'abashinjacyaha n'abandi bakozi bo mu Bushinjacyaha Bukuru	**Article 83: Medical care of prosecutors and other members of personnel of the National Public Prosecution Authority**	**Article 83: Soins de santé des officiers de poursuite judiciaire et autres membres du personnel de l'Organe National de Poursuite Judiciaire**
Icyiciro cya 2: Ibindi bigenerwa abashinjacyaha	**Section 2: Other benefits of prosecutors**	**Section 2: Autres avantages des officiers de poursuite judiciaire**

Ingingo ya 84: Guhabwa uburyo bwo Kwimuka	**Article 84 : Providing the necessary means in case of transfer**	**Article 84: Octroi des moyens nécessaires de déplacement en cas de mutation**
Ingingo ya 85: Ibigenerwa abashinjacyaha bari mu butumwa	**Article 85: Mission allowances of prosecutors**	**Article 85: Frais de mission des officiers de poursuite judiciaire**
Icyiciro cya 3: Gushima abashinjacyaha n'abandi bakozi bo mu Bushinjacyaha Bukuru	**Section 3: Rewarding prosecutors and other staff of the National Public Prosecution Authority**	**Section 3: Récompenses des officiers de poursuite judiciaire et des autres membres du personnel de l'Organe National de Poursuite Judiciaire**
Ingingo ya 86: Ibishingirwaho kugira ngo umushinjacyaha cyangwa undi mukozi ashimwe	**Article 86: Criteria for rewarding a prosecutor or another staff**	**Article 86: Critères de récompense de l'officier de poursuite judiciaire ou d'un autre membre du personnel**
Ingingo ya 87: Ishimwe ritangwa	**Article 87: Rewards**	**Article 87: Récompenses attribuées**
Ingingo ya 88: Abagize akanama gashinzwe guhitamo abashinjacyaha n'abandi bakozi bahabwa ishimwe	**Article 88: Members of the committee in charge of selecting prosecutors and other staff to be rewaded**	**Article 88: Comité de sélection des officiers de poursuite judiciaire et des autres membres du personnel à récompenser**
UMUTWE WA V: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA	**CHAPTER V: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE V: DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES**
Ingingo ya 89: Ishyirwa mu myanya ry'abashinjacyaha n'abandi bakozi	**Article 89: Appointment of prosecutors and other members of personnel**	**Article 89: Affectation des officiers de poursuite judiciaire et des autres membres du personnel**
Ingingo ya 90: Ikurikizwa ry'Itegeko rishyiraho Sitati Rusange igenga Abakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta	**Article 90: Applicability of the Law on the General Statute for Rwanda Public Service**	**Article 90: Application de la loi portant Statut général de la Fonction Publique Rwandaise**
Ingingo ya 91: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko	**Article 91: Drafting, consideration and adoption of this Law**	**Article 91: Initiation, examen et adoption de la présente loi**
Ingingo ya 92: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri tegeko	**Article 92: Repealing provisions**	**Article 92: Disposition abrogatoire**
Ingingo ya 93: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa	**Article 93: Commencement**	**Article 93: Entrée en vigueur**

ITEGEKO N°44 bis/2011 RYO KUWA 26/11/2011 RIGENA SITATI Y'ABASHINJACYAHA N'ABANDI BAKOZI BO MU BUSHINJACYAHA BUKURU

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA, KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 06 Nyakanga 2011;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo ku wa 05 Nyakanga 2011;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 60, iya 61, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 95, iya 108, iya 160, iya 161, iya 162, iya 163, iya 164, iya 166 n'iya 201;

Ishingiye ku Itegeko n° 22/2002 ryo ku wa

LAW N°44 bis/2011 OF 26/11/2011 GOVERNING THE STATUTE OF PROSECUTORS AND OTHER STAFF OF THE NATIONAL PUBLIC PROSECUTION AUTHORITY

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 06 July 2011;

The Senate, in its session of 05 July 2011;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in Articles 60, 61, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, 160, 161, 162, 163,164, 166 and 201;

Pursuant to Law n° 22/2002 of 09/07/2002 on

LOI N°44 bis/2011 DU 26/11/2011 PORTANT STATUT DES OFFICIERS DE POURSUITE JUDICIAIRE ET DES AUTRES MEMBRES DU PERSONNEL DE L'ORGANE NATIONAL DE POURSUITE JUDICIAIRE

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA.

LE PARLEMENT:

La Chambre des Députés, en sa séance du 06 Juillet 2011;

Le Sénat, en sa séance du 05 Juillet 2011;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 Juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 60, 61, 62, 66, 67**,** 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, 160**,** 161, 162, 163, 164, 166 et 201;

Vu la Loi n° 22/2002 du 09/07/2002 portant Statut

09/07/2002 rishyiraho Sitati Rusange igenga Abakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta;

General Statutes for Rwanda Public Service;

Général de la Fonction Publique Rwandaise;

YEMEJE :

ADOPTS:

ADOPTE:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Iri tegeko rigena sitati y'Abashinjacyaha n'abandi bakozi bo mu Bushinjacyaha Bukuru.

Article One : Purpose of this Law

This Law governs the statute of prosecutors and other members of staff of the National Public Prosecution Authority.

Article premier: Objet de la présente loi

La présente loi porte statut des officiers de poursuite judiciaire et des autres membres du personnel de l'Organe National de Poursuite Judiciaire.

Ingingo ya 2: Ibyiciro by'Abashinjacyaha

Abashinjacyaha bari mu byiciro bitatu (3) bikurikira:

1° Abashinjacyaha b'umwuga;

2° Abashinjacyaha ba Gisirikare;

3° Abashinjacyaha bagengwa n'amasezerano y'umurimo.

Article 2: Categories of Prosecutors

Prosecutors are in the following three (3) categories:

1° Career Prosecutors;

2° Military Prosecutors;

3° Contractual Prosecutors.

Article 2: Catégories des officiers de poursuite judiciaire

Les officiers de poursuite judiciaire sont classés en trois (3) catégories suivantes :

1° Officiers de poursuite judiciaire de carrière;

2° les Auditeurs militaires;

3° Officiers de poursuite judiciaire contractuels.

Ingingo ya 3: Abashinjacyaha b'umwuga

Abashinjacyaha b'umwuga ni aba bakurikira:

1° Umushinjacyaha Mukuru;

Article 3: Career Prosecutors

Career Prosecutors are the following:

1° the Prosecutor General;

Article 3: Officiers de poursuite judiciaire de carrière

Les Officiers de poursuite judiciaire de carrière sont les suivants:

1° le Procureur Général;

2° Umushinjacyaha Mukuru Wungirije;

3° Abashinjacyaha bo ku rwego rw'Igihugu;

4° Abashinjacyaha bayobora Ubushinjacyaha bwo ku rwego Rwisumbuye ;

5° Abashinjacyaha bo ku rwego Rwisumbuye;

6° Abashinjacyaha bo ku rwego rw'Ibanze.

Ingingo ya 4: Abashinjacyaha ba Gisirikare

Abashinjacyaha ba Gisirikare ni aba bakurikira:

1° Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare;

2° Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare Wungirije;

3° Abashinjacyaha ba Gisirikare.

Ingingo ya 5: Abashinjacyaha bagengwa n'amasezerano y'umurimo

Abashinjacyaha bagengwa n'amasezerano y'umurimo ni abashinjacyaha bakora akazi k'ubushinjacyaha mu gihe kigenwa n'amasezerano y'umurimo abagenga.

Abashinjacyaha bagengwa n'amasezerano y'umurimo**,** bagengwa n'Itegeko ngenga rigena imiterere, ububasha n'imikorere by'ubushinjacyaha. Mu mirimo y'ubushinjacyaha,

2° the Deputy Prosecutor General;

3° the National Prosecutors;

4° the Chief Intermediate Prosecutors;

5° the Prosecutors at Intermediate level;

6° the Prosecutors at Primary level.

Article 4: Military Prosecutors

The Military prosecutors are the following:

1° the Military Prosecutor General ;

2° the Deputy Military Prosecutor General;

3° the Military Prosecutors.

Article 5: Contractual Prosecutors

Contractual prosecutors are those working in the prosecution service for a period determined by the contract governing them.

Contractual Prosecutors are governed by the Organic Law determining the organisation, powers and functioning of the Public Prosecution. In their responsibilities as prosecutors, they are governed

2° le Procureur Général Adjoint;

3° les Procureurs Nationaux;

4° les Procureurs en Chef au niveau de Grande Instance;

5° les Officiers de poursuite judiciaire au niveau de Grande Instance;

6° les Officiers de poursuite judiciaire au niveau de Base.

Article 4 : Auditeurs militaires

Les Auditeurs militaires sont les suivants :

1° l'Auditeur Général Militaire ;

2° l'Auditeur Général Militaire Adjoint ;

3° les Auditeurs militaires.

Article 5: Officiers de poursuite judiciaire contractuels

Les officiers de poursuite judiciaire contractuels sont ceux qui exercent la fonction de poursuite judiciaire pour une durée déterminée dans leur contrat.

Les officiers de poursuite judiciaire contractuels sont régis par la Loi Organique portant organisation, compétence et fonctionnement de l'Organe National de Poursuite. Dans leurs

bagengwa n'iri tegeko.

Ingingo ya 6: Abakozi bunganira Abashinjacyaha

Abakozi bunganira Abashinjacyaha ni aba bakurikira:

1° Abakozi bunganira abashinjacyaha mu biro by'Umushinjacyaha Mukuru;

2° Abakozi bunganira abashinjacyaha mu Bushinjacyaha bwo ku Rwego Rwisumbuye;

3° Abakozi bunganira abashinjacyaha mu Bushinjacyaha bwo ku Rwego rw'Ibanze.

Ingingo ya 7: Uburyo abashinjacyaha bakurikirana

Mu mirimo bakora, abashinjacyaha bakurikirana mu buryo bukurikira:

1° Umushinjacyaha Mukuru;

2° Umushinjacyaha Mukuru Wungirije;

3° Umushinjacyaha wo ku rwego rw'Igihugu;

4° Umushinjacyaha uyobora Ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye;

by this Law.

Article 6: Assistants of Prosecutors

The assistants of Prosecutors are the following:

1° Assistants of Prosecutors in the Office of the Prosecutor General;

2° Assistants of Prosecutors at the intermediate level;

3° Assistants of Prosecutors at the primary level.

Article 7: Hierarchy of Prosecutors

In their duties, Prosecutors are in the following hierarchy:

1° the Prosecutor General;

2° the Deputy Prosecutor General;

3° the National Prosecutor;

4° the Chief Intermediate Prosecutor;

fonctions d'officiers de poursuite judiciaire, ils sont régis par la présente loi.

Article 6: Assistants des officiers de poursuite judiciaire

Les assistants des officiers de poursuite judiciaire sont les suivants:

1° les assistants des officiers de poursuite judiciaire au Bureau du Procureur Général;

2° les assistants des officiers de poursuite judiciaire au niveau de Grande Instance;

3° les assistants des officiers de poursuite judiciaire au niveau de Base.

Article 7: Hiérarchie des officiers de poursuite judiciaire

Dans leurs fonctions, la hiérarchie des officiers de poursuite judiciaire est la suivante:

1° le Procureur Général;

2° le Procureur Général Adjoint ;

3° le Procureur National;

4° le Procureur en chef au niveau de Grande Instance;

5° Umushinjacyaha wo ku rwego Rwisumbuye;	5° the Prosecutor at the intermediate level;	5° l'Officier de Poursuite Judiciaire au niveau de Grande Instance;
6° Umushinjacyaha wo ku rwego rw'Ibanze.	6° the Prosecutor at the Primary level	6° l'Officier de Poursuite Judiciaire au niveau de Base.

Ingingo ya 8: Uburyo abashinjacyaha n'abakozi bo mu Bushinjacyaha Bukuru basumbana	**Article 8: Precedence of Prosecutors and other members of staff of the National Public Prosecution Authority**	**Article 8: Préséance des Officiers de poursuite judiciaire et des autres membres du personnel de l'Organe National de Poursuite Judiciaire**
Abashinjacyaha kimwe n'abakozi bo mu Bushinjacyaha Bukuru basumbana hakurikijwe inzego z'imirimo bafite.	Prosecutors as well as other members of staff of the National Public Prosecution Authority shall take precedence in accordance with their ranks.	La préséance des officiers de poursuite judiciaire et des autres membres du personnel de l'Organe National de Poursuite Judiciaire est en fonction de leur rang.
Abashinjacyaha kimwe n'abakozi bo mu Bushinjacyaha Bukuru bafite umurimo umwe basumbana hakurikijwe uburambe bwabo ku murimo bugaragazwa n'Iteka ryabashyizeho.	In the event they have the same ranks, they shall take precedence in accordance with their seniority as indicated by their appointing Order.	Lorsqu'ils ont le même rang, la préséance est déterminée en fonction de leur ancienneté telle que prévue par l'Arrêté de leur nomination.
Mu gihe abashinjacyaha kimwe n'abakozi bo mu Bushinjacyaha Bukuru benshi bashyizwe ku kazi n'Iteka rimwe, umwanya wa buri muntu werekanwa n'imyaka ye y'amavuko, baba banganya imyaka, ukerekanwa n'uko bakurikirana mu Iteka ryabashyizeho.	In case several prosecutors as well as other members of staff of the National Public Prosecution Authority were appointed by the same Order, the precedence of each in his/her category, shall be determined by the age, and in case they have the same age by their order in the appointing Order.	Lorsque plusieurs officiers de poursuite judiciaire et autres membres du personnel de l'Organe National de Poursuite Judiciaire sont nommés par un même Arrêté, le rang de chacun d'entre eux est déterminé, chacun dans sa categorie, par l'âge ; et s'ils sont du même âge, par la place qu'ils occupent respectivement dans l'Arrêté de nomination.

UMUTWE WA II: ABASHINJACYAHA

Icyiciro cya mbere: Gutangira no gukora umurimo w'Ubushinjacyaha

Ingingo ya 9: Gutangaza imyanya idafite abayirimo

Perezida w'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha atangaza imyanya y'Abashinjacyaha idafite abayirimo.

Amatangazo agomba kandi gusobanura neza ibisabwa kugira ngo abantu bashyirwe muri iyo myanya.

Ingingo ya 10: Ibisabwa ushaka gukora umurimo w'umushinjacyaha

Umuntu wese ushaka gukora umurimo w'ubushinjacyaha agomba kuba:

1° ari Umunyarwanda;

2° afite nibura imyaka makumyabiri n'umwe (21) y'amavuko;

3° yaratsinze ipiganwa, uretse Umushinjacyaha Mukuru n'Umushinjacyaha Mukuru Wungirije;

4° afite nibura impamyabumenyi ihanitse mu by'amategeko n'icyemezo cy'uko yatsinze inyigisho mu ishuri ryemewe na

CHAPTER II: PROSECUTORS

Section One: Assuming of office and discharge of responsibilities of prosecution

Article 9: Advertising vacant posts

The President of the High Council of the Public Prosecution shall advertise vacant posts of prosecutors.

Vacancy advertisements must clearly specify both general and specific requirements to be fulfilled in order to occupy the posts.

Article 10: General Requirements

Any person seeking the post of a prosecutor must satisfy the following requirements:

1° to be a Rwandan;

2° to be at least twenty one (21) years-old;

3° to have passed the recruitment test. except the Prosecutor General and the Deputy Prosecutor General;

4° to have at least a Bachelor's Degree in Law and a certificate from a recognized professional legal institute;

CHAPITRE II: OFFICIERS DE POURSUITE JUDICIAIRE

Section première: Entrée en service et exercice de la fonction de poursuite judiciaire

Article 9: Annonce des postes vacants

Le Président du Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite annonce les postes vacants des officiers de poursuite judiciaire vacants.

Les annonces doivent préciser également les conditions générales et les conditions particulières d'accès à ces postes.

Article 10: Conditions générales requises

Tout candidat à la fonction de l'officier de poursuite judiciaire doit répondre aux conditions suivantes:

1° être de nationalité rwandaise;

2° être âgé d'au moins vingt et un (21) ans;

3° réussir le concours de recrutement, exception faite au Procureur Général et au Procureur Général Adjoint;

4° être détenteur d'au moins un Diplôme de Licence en Droit et d'un certificat sanctionnant un cycle de formation à une

	Leta ryigisha umwuga mu by'amategeko;				école supérieure de pratique du droit agréée par l'Etat;
5°	adafite ubumuga bw'umubiri cyangwa uburwayi bwo mu mutwe hashingiwe ku cyemezo cyatanzwe na muganga wemewe na Leta, bwatuma adashobora gukora imirimo y'ubushinjacyaha;	5°	not to have mental and physical incapacity, as attested by a certificate issued by a recognised medical doctor, that may be a hindrance to his/her performance of duties of Public Prosecution;	5°	ne pas avoir une incapacité physique ou mentale attestée par un certificat délivré par un médecin agréé, susceptible de l'empêcher d'exercer des fonctions de poursuite judiciaire;
6°	ari inyangamugayo;	6°	to be a person of integrity;	6°	être intègre;
7°	atarahamwe n'icyaha cy'ivangura n'amacakubiri;	7°	not to have been convicted of discrimination and sectarianism;	7°	ne pas être reconnu coupable de discrimination et de sectarisme;
8°	atarahamwe n'icyaha cya jenoside**;**	8°	not to have been convicted of the crime of genocide;	8°	ne pas être reconnu coupable de génocide ;
9°	atarahamwe n'icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenoside;	9°	not to have been convicted of the crime of genocide ideology;	9°	ne pas être reconnu coupable d'idéologie du génocide;
10°	atarahamwe n'icyaha cya ruswa n'icy'inyereza ry'umutungo rusange;	10°	not to have been convicted of the crime of corruption and embezzlement;	10°	ne pas être reconnu coupable de corruption et de détournement des fonds publics ;
11°	atarigeze yirukanwa mu mirimo yakoze bitewe n'uko yakoresheje uburiganya, yataye umurimo cyangwa se yanze kuwugarukaho yari yarasezerewe by'igihe gito cyangwa se atarawugarutseho igihe yari abisabwe;	11°	not to have been dismissed from office or removed for fraudulent acts, desertion of duty or refusal to resume duty after the end of the period of suspension of duties or failure to resume his/her duties after he/she was requested to do so;	11°	n'avoir pas été révoquée ou démis de ses fonctions, soit du fait de manœuvres frauduleuses, soit pour abandon de poste ou d'emploi, soit pour avoir refusé de réintégrer le service au terme d'une période de suspension d'activités, soit pour avoir refusé de réintégrer le service quand il en a été sollicité;
12°	atarambuwe n'inkiko uburenganzira mbonezamubano n'ubwa politiki;	12°	not to have been deprived of civil or political rights by courts;	12°	ne pas avoir été déchu de ses droits civils et politiques par décision judiciaire;

13° atarakatiwe burundu igihano cy'igifungo kirenze cyangwa kingana n'amezi atandatu (6).	13° not to have been sentenced to a term of imprisonment of at least six (6) months.	13° n'avoir pas fait l'objet d'une condamnation définitive à une peine d'emprisonnement d'au moins six (6) mois.
Ingingo ya 11: Ibisabwa byihariye ku Mushinjacyaha uyobora ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye	**Article 11: Specific requirements for the Chief Intermediate Prosecutor**	**Article 11: Conditions spécifiques requises pour être Procureur en chef au niveau de Grande Instance**
Kugira ngo umuntu agirwe Umushinjacyaha uyobora Ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye agomba kuba yujuje ibyangombwa biteganywa n'ingingo ya 10 y'iri tegeko no kuba yarakoze mu mirimo yerekeye amategeko nibura igihe kingana n'imyaka itanu (5).	In order to be appointed as a Chief Intermediate Prosecutor at the intermediate level, the candidate must fulfil the requirements mentioned in Article 10 of this Law and have a working experience of at least five (5) years in legal field.	Pour être nommé Procureur en chef au niveau de Grande Instance, le candidat doit remplir les conditions prévues par l'article 10 de la présente loi et avoir une expérience de (5) ans au moins dans le domaine du Droit.
Uburambe buvugwa muri iyi ngingo buba umwaka umwe (1) ku bafite impamyabumenyi y'ikirenga mu by'amategeko**.**	The working experience mentioned in this Article shall be one (1) year for candidates holding a doctorate degree in Law.	L'expérience visée au présent article est d'un (1) an pour les détenteurs d'un Doctorat en Droit.
Ingingo ya 12: Ibisabwa byihariye ku bagize Biro y'Umushinjacyaha Mukuru	**Article 12: Specific requirements for the members of the Office of the Prosecutor General**	**Article 12: Conditions spécifiques requises pour les membres du Bureau du Procureur Général**
Kugira ngo umuntu agirwe Umushinjacyaha Mukuru, Umushinjacyaha Mukuru Wungirije kimwe n'Umushinjacyaha wo ku rwego rw'Igihugu, agomba kuba yujuje ibiteganywa n'ingingo ya 10 y'iri tegeko.	In order to be appointed as a Prosecutor General, Deputy Prosecutor General or a National Prosecutor, the candidate must fulfil the requirements specified in Article 10 of this Law.	Pour être nommé au poste de Procureur Général, Procureur Général Adjoint ou Procureur national, le candidat doit remplir les conditions prévues par l'article 10 de la présente loi.
Agomba kandi kuba afite uburambe mu kazi nibura bw'imyaka umunani (8) mu byerekeranye n'amategeko.	He/she must also have a working experience of at least eight (8) years in legal field.	Il doit en outre justifier d'une expérience d'au moins huit (8) ans dans le domaine du Droit.
Uburambe buba imyaka itanu (5) iyo afite impamyabumenyi y'ikirenga mu by'amategeko.	The working experience shall be at least five (5) years, if he/she holds a doctorate degree in Law;	L'expérience sera de cinq (5) ans pour le détenteur d'un diplôme de Doctorat en Droit.

Ingingo ya 13: Gushyirwa mu mwanya w'ubushinjacyaha no mu rwego

Kugira ngo umuntu ashyirwe mu mwanya w'ubushinjacyaha kimwe no mu rwego rujyanye n'uwo mwanya agomba kuba yabisabye mu nyandiko Perezida w'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha.

Kugira ngo itange imyanya, Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha ikoresha ipiganwa.

Ibivugwa muri iyi ngingo ntibireba Umushinjacyaha Mukuru n'Umushinjacyaha Mukuru Wungirije.

Icyiciro cya 2: Igeragezwa ry'abashinjacyaha

Ingingo ya 14: Kwimenyereza umurimo w'Ubushinjacyaha

Buri mushinjacyaha atangira akazi yimenyereza umurimo mu gihe cy'amezi atandatu (6), aho umuyobozi we wo mu rwego rwa mbere asuzuma ubushobozi bwe n'imyitwarire mu kazi.

Raporo yo kwimenyereza umurimo ikorwa n'umuyobozi uvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo hasigaye nibura ukwezi (1) ngo igihe cyo kwimenyereza umurimo kirangire. Iyo raporo ishyikirizwa Inama Nkuru y'ubushinjacyaha, Umushinjacyaha Mukuru n'uwimenyereza

Article 13: Appointing a prosecutor and ranking

In order to be appointed as a prosecutor and be put to the rank corresponding to such a post, a person must apply to the President of the High Council of the Public Prosecution.

Vacant posts shall be filled upon recruitment test organised by the High Council of the Public Prosecution.

Provisions of this Article shall not apply to the Prosecutor General and the Deputy Prosecutor General.

Section 2: Probation period for Prosecutors

Article 14 : Internership for Prosecutors

Every prosecutor shall commence responsibilities under a probation period of six (6) months during which his/her immediate superior shall evaluate both his/her ability and behaviour at work.

The immediate superior mentioned in paragraph One of this Article shall submit a report of the probation period at least one (1) month before the probation period expires. The report shall be submitted to the High Council of the Public Prosecution with a copy to the Prosecutor General

Article 13: Nomination au poste d'officier de poursuite judiciaire et affectation au rang

Pour être nommé officier de poursuite judiciaire et affecté au rang correspondant à ce poste, une personne doit préalablement en faire demande écrite au Président du Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite.

Les places vacantes sont attribuées sur concours organisé par le Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite.

Les dispositions du présent article ne s'appliquent pas au Procureur Général et au Procureur Général Adjoint.

Section 2: Stage probatoire des officiers de poursuite judiciaire

Article 14: Stage des officiers de poursuite judiciaire

Chaque officier de poursuite judiciaire commence sa carrière en effectuant un stage probatoire de six (6) mois, au cours duquel son supérieur hiérarchique direct évalue ses aptitudes professionnelles et sa conduite dans la carrière.

Le rapport de stage est effectué par l'autorité dont question au premier alinéa du présent article au moins un (1) mois avant l'expiration du délai de stage. Ce rapport est transmis au Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite avec copie au Procureur Général et à l'officier de

umurimo bakagenerwa kopi.

Iyo Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha isanze raporo yerekana ko uwimenyerezaga umurimo abishoboye, yemezwa burundu nk'umushinjacyaha w'umwuga.

Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha isanze ari ngombwa, ishobora kongera igihe cyo kwimenyereza umurimo. Icyo gihe cy'inyongera ntigishobora kurenza amezi atandatu (6).

Ingingo ya 15: Kujuririra ibikubiye muri raporo yo kwimenyereza umurimo

Iyo uwimenyereza umurimo atemeye ibikubiye muri raporo, ashobora kubigaragaza mu ibaruwa ishinganye mu iposita cyangwa itanzwe mu ntoki agahabwa gihamya cy'uyakiriye, yandikirwa Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) uhereye ku munsi yaboneyeho raporo.

Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha isuzuma iyo baruwa ikayifataho icyemezo mu gihe kitarenze ukwezi kumwe (1) uhereye igihe Ubunyamabanga bw'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha buyiboneye.

Iyo igihe giteganyijwe mu gika kibanziriza iki kirenze hatarafatwa icyemezo, uwimenyerezaga umurimo aba yemerewe burundu.

and the prosecutor under probation.

Where the High Council of the Public Prosecution finds that the report on the prosecutor under probation indicates that he/she qualifies for the job, he/she shall be permanently appointed as a Career Prosecutor.

The High Council of the Public Prosecution, if it considers necessary, may extend the probation period. Such additional period of probation cannot exceed six (6) months.

Article 15: Appealing for the report on the probation period

Where the prosecutor under probation does not agree with the contents of the report, he/she may indicate it through a registered postal mail or a mail handed with acknowledgement of receiption, to the High Council of the Public Prosecution within a period not exceeding fifteen days (15) from the day he/she received the report.

The High Council of the Public Prosecution shall examine the letter and take a decision in a period not exceeding one (1) month from the date the Secretariat of the High Council of the Public Prosecution received it.

Where the period specified in the preceding paragraph expires before a decision is taken, the prosecutor under probation is considered to be definitely appointed.

poursuite judiciaire stagiaire.

Lorsque le Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite constate que le rapport de stage conclut à l'aptitude du stagiaire, ce dernier est nommé définitivement officier de poursuite judiciaire de carrière.

Le Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite peut, s'il l'estime nécessaire, décider de proroger la durée du stage. Cette prorogation ne peut pas dépasser six (6) mois.

Article 15: Recours contre le rapport de stage

Lorsque le stagiaire n'est pas satisfait du contenu du rapport de stage, il peut, par lettre recommandée à la poste ou remise en main avec accusé de réception, faire recours auprès du Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite, dans un délai n'excédant pas quinze (15) jours à dater du jour de la réception du rapport.

Le Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite examine et prend la décision sur le recours dans un délai n'excédant pas un (1) mois à compter du jour de la réception de la lettre par le Secrétariat du Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite.

Lorsque le délai prévu à l'alinéa précédent est passé, l'officier de poursuite judiciaire est considéré comme nommé définitivement.

Ingingo ya 16: Igihe icyemezo cy'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha kigirira agaciro	**Article 16: Date on which the decision of the High Council of the Public Prosecution commences**	**Article 16: Date à laquelle la décision du Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite prend effet**
Icyemezo cy'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha cyemerera akazi burundu umushinjacyaha w'umwuga cyangwa kimuhakanira kigira agaciro kuva igihe uwimenyereza umurimo akimenyesherejwe.	The decision of the High Council of the Public Prosecution permenantly appointing a career prosecutor or denying him/her a job shall be effective from the date it is notified to the prosecutor under probation.	La décision du Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite portant nomination à titre définitif de l'officier de poursuite judiciaire de carrière ou lui refusant l'emploi, sort ses effets au jour de sa notification à l'officier de poursuite judiciaire stagiaire.
Ingingo ya 17: Manda y'Abashinjacyaha	**Article 17 : Term of office of Prosecutors**	**Article 17: Mandat des officiers de poursuite judiciaire**
Umushinjacyaha Mukuru n'Umushinjacyaha Mukuru Wungirije, bashyirirwaho manda y'imyaka itanu (5) ishobora kongerwa rimwe gusa.	The Prosecutor General and the Deputy Prosecutor General are appointed for a five (5) year term renewable only once.	Le Procureur Général et le Procureur Général Adjoint sont nommés pour un mandat de cinq (5) ans renouvelable une seule fois.
Abashinjacyaha bayobora Ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye bashyirirwaho manda y'imyaka ine (4) ishobora kongerwa rimwe gusa n'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha.	The chief Intermidiate prosecutors shall be appointed for a four (4) year term renewable only once by the High Council of the Public Prosecution.	Les Procureurs en chef au niveau de Grande Instance sont nommés pour un mandat de quatre (4) ans renouvelable une seule fois par le Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite.
Manda y'abashinjacyaha bavugwa mu gika cya mbere n'icya kabiri (2) by'iyi ngingo itangira kubarwa uhereye igihe batangiriye imirimo yabo.	The term of office of prosecutors referred to in paragraphs One and 2 of this Article shall commence on the date they take office.	La durée des mandats des officiers de poursuite judiciaire visés à l'alinéa premier et 2 du présent article commence à courir le jour de leur entrée en fonction.
Umushinjacyaha uyobora abandi ku rwego Rwisumbuye urangije neza manda ye y'ubuyobozi akomeza kuba umushinjacyaha.	The chief intermidiate prosecutor who successfully completes his/her term of office shall remain Prosecutor.	Le Procureur en chef au niveau de Grande instance qui achève normalement son mandat reste officier de poursuite judiciaire.

Icyiciro cya 3: Indahiro n'imyambaro by'abashinjacyaha

Ingingo ya 18: Kurahira

Mbere yo gutangira imirimo, buri mushinjacyaha agomba kurahira indahiro iteganywa n'ingingo ya 61 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu.

Umushinjacyaha Mukuru n'Umushinjacyaha Mukuru Wungirije barahirira imbere ya Perezida wa Repubulika hari Inteko Ishinga Amategeko.

Abandi bashinjacyaha barahirira imbere ya Minisitiri w'Intebe hari abagize Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha.

Inyandiko ikubiyemo indahiro ishyirwaho umukono n'urahiye n'uwayakiriye.

Ingingo ya 19: Imyambaro y'abashinjacyaha

Mu gihe cy'iburanisha, abashinjacyaha bambara umwambaro wabugenewe ugenwa n'Umushinjacyaha Mukuru abyumvikanyeho n'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha.

Mu gihe cy'iburanisha, abashinjacyaha ba

Section 3: Oath and dress of the Prosecutors

Article 18 : Taking oath

Before assuming office, each prosecutor shall take the oath provided for by Article 61 of the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date.

The Prosecutor General and the Deputy Prosecutor General shall take their oaths before the President of the Republic in the presence of the Members of Parliament.

Other prosecutors shall take oath before the Prime Minister in the presence of the members of the High Council of the Public Prosecution.

Each document that contains oath shall be signed by the person who swears in, and the person who receives the oath.

Article 19: Dress of the Prosecutors

During court proceedings, Prosecutors shall wear appropriate dress determined by the Prosecutor General upon consultation with the High Council of the Public Prosecution.

During court proceedings, Military Prosecutors

Section 3: Serment et tenue des officiers de poursuite judiciaire

Article 18: Prestation de serment

Avant d'entrer en fonction, tout officier de poursuite judiciaire prête le serment prévu par l'article 61 de la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 20003 telle que révisée à ce jour.

Le Procureur Général et le Procureur Général Adjoint prêtent serment devant le Président de la République en présence des membres du Parlement.

Les autres officiers de poursuite judiciaire prêtent serment devant le Premier Ministre en présence des membres du Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite.

L'acte de serment est signé par l'officier de poursuite judiciaire et par l'autorité qui a reçu le serment.

Article 19: Tenue des officiers de poursuite judiciaire

Pendant les audiences, les officiers de poursuite judiciaire portent une toge d'audience déterminée par le Procureur Général en concertation avec le Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite.

Pendant les audiences, les Auditeurs Militaires

gisirikare bambara umwambaro wabugenewe ugenwa n'Iteka rya Minisitiri ufite Ingabo z'u Rwanda mu nshingano ze.

Ingingo ya 20: Umwambaro w'icyubahiro

Mu minsi mikuru no mu mihango ya Leta bahagarariyemo urwego rw'ubushinjacyaha Bukuru,abashinjacyaha bambara umwambaro w'icyubahiro ugenwa n'Umushinjacyaha Mukuru abyumvikanyeho n'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha.

Icyiciro 4: Imihanirwe y'abashinjacyaha

Akiciro ka mbere: Ibihano

Ingingo ya 21: Ibihano

Umushinjacyaha wese udakoze ibyo ashinzwe aba akoze ikosa rihanishwa kimwe mu bihano bikurikira:

1° kwihanangirizwa;

2° kugawa bikandikwa mu idosiye ye;

3° gukatwa icya kane (1/4) cy'umushahara w'ukwezi kumwe gusa;

4° guhagarikwa by'agateganyo kuva ku

shall wear an appropriate dress determined by an Order of the Minister in charge of Rwanda Defence Forces.

Article 20: Dignified gown

During official ceremonies and festivities, prosecutors representing National Public Prosecution Authority, shall wear a dignified gown determined by the Prosecutor General in consultation with the High Council of the Public Prosecution.

Section 4: Disciplinary regime for prosecutors

Sub-section One: Sanctions

Article 21: Sanctions

Any prosecutor who fails to discharge his/her duties commits a displinary fault which is punishable by any of the following sanctions:

1° a warning;

2° an official blame that is recorded in his/her file;

3° deduction of a quarter (¼) of the salary for a period of one (1) month maximum;

4° suspension for a period of one (1) month to

portent une toge d'audience déterminée par Arrêté du Ministre ayant les Forces Rwandaises de Défense dans ses attributions.

Article 20: Toge d'apparat

Pendant les cérémonies officielles et les jours de festivités où ils représentent l'Organe National de Poursuite Judiciaire, les officiers de poursuite judiciaire portent une toge d'apparat déterminée par le Procureur Général en concertation avec le Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite.

Section 4: Régime disciplinaire des officiers de poursuite judiciaire

Sous-section prémière : Sanctions

Article 21: Sanctions

Tout manquement de l'officier de poursuite judiciaire à ses obligations, constitue une faute disciplinaire qui est sanctionnée par une des sanctions suivantes :

1° l'avertissement;

2° le blâme qui doit être versé dans son dossier;

3° la retenue du quart (¼) du traitement pour une période d'un (1) mois seulement;

4° la suspension temporaire de fonction pour

kwezi kumwe (1) kugeza ku mezi atandatu (6) no gukatwa icya kabiri (1/2) cy'umushahara wa buri kwezi muri icyo gihe;

5° gusubizwa inyuma mu ntera**;**

6° kwirukanwa.

six (6) months with deduction of a half (½) of his/her monthly salary during that period;

5° demotion;

6° dismissal.

une durée de un (1) mois à six (6) mois avec retenue de la moitié (½) du salaire mensuel durant cette période;

5° la rétrogradation;

6° la révocation.

Ingingo ya 22: Ukutabangikana kw'ibihano

Ikosa rimwe rihanishwa kimwe gusa mu bihano biteganywa mu ngingo ibanziriza iyi, kereka mu gihe ikurikiranwa ry'Umushinjacyaha ryabangikanye n'igihano cyo kwihanangirizwa cyangwa kugawa gitanzwe n'Umuyobozi umukuriye.

Haseguriwe ibivugwa mu gika kibanziriza iki, iyo Umushinjacyaha akurikiranwaho amakosa menshi, ahabwa gusa igihano gisumba ibindi mu biteganyirijwe ayo makosa.

Ibyerekeranye n'amakosa y'umwuga abashinjacyaha n'abandi bakozi bo mu Bushinjacyaha Bukuru bashobora gukurikiranwaho biteganywa n'Itegeko rigena imyitwarire y'abashinjacyaha n'abandi bakozi bo mu Bushinjacyaha Bukuru.

Article 22: Non-cumul of sanctions

Any disciplinary fault shall be sanctioned with only one of the sanctions provided for in the previous Article, unless where the disciplinary measure was simultaneously initiated with the warning or official blaming given by the immediate superior.

Subject to the provisions of the paragraph One of this Article, where a prosecutor is charged with several disciplinary faults, he/she shall be given a sanction that is heavier among those provided for those faults.

Professional faults prosecutors and other staff of the National Public Prosecution Authority may be charged with shall be determined by the Law determining the Code of conduct for Prosecutors and other Staff of the National Public Prosecution Authority.

Article 22: Non-cumul des sanctions

Une faute disciplinaire ne peut donner lieu qu'à une seule des sanctions prévues à l'article précédent sauf le cas où l'action disciplinaire a été ouverte simultanément avec la sanction d'avertissement ou de blâme infligée par le supérieur hiérachique.

Sous réserve des dispositions de l'aliéna premier du cet article, lorsque l'officier de poursuite judiciaire est poursuivi pour plusieurs fautes disciplinaires, il ne peut être appliqué contre lui que la sanction la plus sévère parmi celles prévues pour ces fautes.

Les fautes professionnelles pour lesquelles les officiers de poursuite judiciaire et les autres membres du personnel de l'Organe National de Poursuite Judiciaire peuvent être poursuivis sont prévues par la Loi portant code d'éthique des officiers de poursuite judiciaire et autres membres du personnel de l'Organe National de Poursuite Judiciaire.

Ingingo ya 23: Ububasha bwo kwihanangiriza no kugaya Umushinjacyaha

Umushinjacyaha Mukuru n'Umushinjacyaha uyobora Ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye, bafite ububasha bwo kwihanangiriza no kugaya abashinjacyaha bayobora, bamaze kubasaba kwisobanura.

Ibyo bihano bishobora kujuririrwa Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha.

Ubugenzuzi bw'ubushinjacyaha Bukuru bumenyeshwa bidatinze igihano cyo kugawa kikandikwa mu idosiye y'umushinjacyaha.

Article 23: Powers to give warning and blame to a Prosecutor

The Prosecutor General and the Chief Intermediate Prosecutor shall have powers to give warning and to blame prosecutors under their direction after they request for explanations.

Such sanctions may be appealed against before the High Council of the Public Prosecution.

The General Inspectorate of the National Public Prosecution Authority shall be informed as soon as possible of the sanction of blame. This sanction shall be recorded in the file of the concerned prosecutor.

Article 23: Pouvoir de donner un avertissement et un blâme à l'officier de poursuite judiciaire

Le Procureur Général et le Procureur en chef au niveau de Grande Instance ont le pouvoir de donner un avertissement et un blâme aux Officiers de poursuite judiciaire placés sous leur autorité après les avoir invités à fournir des explications nécessaires.

Ces sanctions peuvent faire l'objet de recours auprès du Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite.

L'Inspection Générale de l'Organe National de Poursuite Judiciaire est informée dans le plus bref délai de la sanction de blâme. Cette sanction est enregistrée dans le dossier de l'officier de poursuite judiciaire concerné.

Ingingo ya 24: Urwego rufite ububasha bwo guhana Umushinjacyaha

Haseguriwe ibivugwa mu gika cya mbere cy'ingingo ya 23 y'iri tegeko, ububasha bwo guhana umushinjacyaha bufitwe n'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha, uretse ku bireba Umushinjacyaha Mukuru n'Umushinjacyaha Mukuru wungirije.

Article 24: Competent authority to give disciplinary sanction to a Prosecutor

Subject to the stipulation of paragraph One of Article 23 of this Law, the disciplinary powers is vested in the High Council of the Public Prosecution, except for the matters concerning the Prosecutor General and the Deputy Prosecutor General.

Article 24: Organe compétent pour exercer le pouvoir disciplinaire contre l'officier de poursuite judiciaire

Sous réserve de ce qui est prévu par le premier alinéa de l'article 23 de la présente loi, le pouvoir disciplinaire est exercé par le Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite, sauf pour les matières reservées au Procureur Général et Procureur Général Adjoint.

Ingingo ya 25: Ikurikirana ry'ibyaha byo mu rwego rw'akazi

Gukurikiranwaho amakosa ku kazi ntaho bihuriye no gukurikiranwa n'ubushinjacyaha

Article 25: Disciplinary action

A disciplinary action is carried out irrespective of any criminal or civil cases.

Article 25: Exercice de l'action disciplinaire

L'action disciplinaire est indépendante de l'action publique ou de l'action civile.

cyangwa n'imanza ziregerwamo indishyi.

Ihanagurwa ry'ibyaha rikorwa n'itegeko cyangwa ihanagurabusembwa ntibigira icyo bihindura ku bihano byahawe umushinjacyaha bikomoka ku makosa yakoze ku kazi yatumye ahanwa mu manza z'inshinjabyaha.

Amnesty or rehabilitation has no effect on disciplinary sanctions meted out on a prosecutor following his/her conviction for criminal offences.

L'amnistie ou la réhabilitation n'ont pas d'effet sur les sanctions disciplinaires infligées à l'officier de poursuite judiciaire si les faits commis ont donné lieu aux condamnations pénales.

Ingingo ya 26: Guhagarika by'agateganyo umushinjacyaha

Article 26: Suspension of a Prosecutor

Article 26: Suspension de l'officier de poursuite judiciaire

Iyo hari impamvu zihutirwa, Umushinjacyaha Mukuru ashobora guhagarika by'agateganyo umushinjacyaha ku mirimo, uretse abagize Biro y'Umushinjacyaha Mukuru, kugira ngo akazi kagende neza kugeza hafashwe icyemezo ndakuka ku makosa akomeye akurikiranyweho.

In case of emergency, the Prosecutor General may suspend a prosecutor on duty, except those who are members of the office of the Prosecutor General, to ensure smooth running of duties until a final decision is taken.

En cas d'urgence, le Procureur Général peut suspendre l'officier de poursuite judiciaire, sauf les membres du Bureau du Procureur Général, par mesure d'ordre jusqu'à ce qu'une décision définitive soit prise.

Icyakora, ku Mushinjacyaha wo ku rwego Rwisumbuye cyangwa uwo ku rwego rw'Ibanze, Umushinjacyaha Mukuru abanza kumva icyo Umushinjacyaha uyobora Ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye abivugaho.

However, regarding a prosecutor at Intermediate level or a prosecutor at Primary level, the Prosecutor General shall first consider the opinion of the Chief Intermediate Prosecutor.

Toutefois, pour l'officier de poursuite judiciaire au niveau de Grande Instance ou l'officier de poursuite judiciaire au niveau de Base, le Procureur Général avant de procéder à leur suspension, demande l'avis du Procureur en chef au niveau de Grande Instance.

Iryo hagarikwa ntirishobora gutangazwa kandi ntirihagarika uburenganzira ku mushahara.

Such suspension shall not be made public and can not suspend the right on salary.

Cette suspension ne peut être rendue publique et ne peut affecter le droit au traitement.

Iyo hashize ukwezi Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha itarashyikirizwa ikirego nk'uko biteganywa n'ingingo ya 29 y'iri tegeko, icyemezo cy'iryo hagarikwa gihita gihagarara ako kanya.

Such suspension shall immediately cease to be effective if in one (1) month the High Council of the Public Prosecuton did not receive the complaint as provided for by Article 29 of this Law.

La suspension cesse immédiatement de produire ses effets, si dans un (1) mois le Conseil Supérieur de l'Organe de Poursuite n'est pas saisi de l'action disciplinaire conformément à l'article 29 de la presente loi.

Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha igomba kwiga ikibazo cy'uwo mushinjacyaha mu nama yayo ya mbere ikurikira itangwa ry'ikirego, ikanagifatira icyemezo mu gihe kitarenze ukwezi kumwe (1) gukurikira inama ya mbere yize icyo kibazo.

The High Council of the Public Prosecution shall examine the matter in its first meeting following the submission of the complaint, and shall take a decision in one (1) month following the first meeting that examined it.

Le Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite examine le cas dans sa première réunion qui suit la date de la soumission de la plainte et prend sa décision dans un délai ne dépassant pas un (1) mois qui suit la première réunion qui l'a examiné.

Ingingo ya 27: Gusuzuma ihagarikwa ry'agateganyo

Article 27: Examination of the suspension

Article 27: Examen de la suspension

Iyo Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha irangije gusuzuma ibyerekeye ikosa ry'umushinjacyaha, ikemeza ko agomba kwirukanwa burundu, guhagarikwa ku kazi birakomeza kugeza ku munsi icyemezo cyo kumwirukana gitangiriraho gukurikizwa.

If at the conclusion of the disciplinary matter by the High Council of the Public Prosecution, the concerned prosecutor is dismissed, the suspension shall fully remain in force until the date on which the decision of dismissal comes into force.

Lorsque le Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite vient de statuer sur l'action disciplinaire de l'officier de poursuite judiciaire et décide de sa révocation, sa suspension est maintenue jusqu'à la date où la décision de révocation commence à produire ses effets.

Iyo Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha yemeje ko umushinjacyaha agomba guhabwa igihano cyo guhagarikwa ku kazi, igihe yamaze adakora bagisuzuma ibye, kibarirwa mu gihe igihano kigomba kumara, bahereye ku munsi yaburijweho gukora.

If the High Council of the Public Prosecution confirms the suspension of a prosecutor, the duration of suspension starts from the time when the concerned prosecutor ceased to discharge his or her responsibilities.

Lorsque le Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite décide de la suspension de l'officier de poursuite judiciaire, la durée de suspension est comptée à partir de la date à laquelle il a été suspendu de ses fonctions.

Iyo Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha yemeje igihano kiri munsi y'icyo guhagarikwa ku kazi cyangwa basanze ibyo yakurikiranwagaho adashobora kubihanirwa, iryo hagarikwa rivanwaho, umushinjacyaha agasubizwa uburenganzira bwe yataye kuva ku munsi yahagarikiweho.

If the High Council of the Public Prosecution decides to give a sanction less than a disciplinary suspension or if there is no sanction imposed at all, the temporary suspension is lifted and the rights of the prosecutor restored from the time when the suspension was imposed.

Lorsque le Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite prononce une sanction inférieure à la suspension ou si l'action disciplinaire ne donne lieu à aucune sanction, les effets de la suspension cessent à partir de la date où elle a été prononcée et l'officier de poursuite judiciaire est rétabli dans tous ses droits.

Akiciro ka kabiri: Imihango ikurikizwa mu mihanirwe y'abashinjacyaha

Ingingo ya 28: Imihango ikurikizwa mu mihanirwe y'abashinjacyaha

Imihango ikurikizwa mu mihanirwe y'abashinjacyaha ntishobora gutangira uwo bireba atabanje gusabwa mu nyandiko kwisobanura.

Umushinjacyaha agomba kwisobanura mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) uhereye ku munsi yaboneyeho urwandiko rumusaba kwisobanura.

Ibirebana n'imihanirwe byose bikorwa mu nyandiko.

Ingingo ya 29: Gushyikiriza Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha ibirego

Umushinjacyaha Mukuru ashyikiriza Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha ibirego bishobora gutuma umushinjacyaha akurikiranwa, yagejejweho n'Umugenzuzi Mukuru w'Ubushinjacyaha.

Ibirego biturutse ku Mushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye umushinjacyaha uregwa akoreramo, byohererezwa Umushinjacyaha Mukuru, Ubugenzuzi Bukuru bw'Ubushinjacyaha bukagenerwa kopi kugira ngo bubikorere ipererezа.

Sub-section 2: Disciplinary procedure

Article 28: Disciplinary procedure

Disciplinary procedure against prosecutors shall not be initiated without a written notice requiring the concerned prosecutor to provide explanations.

The prosecutor must give his/her explanations within a period of fifteen (15) days from the date he/she was given the letter requiring the explanations.

Disciplinary procedure shall be done in writing.

Article 29: Submitting a complaint to the High Council of the Public Prosecution

The Prosecutor General shall submit to the High Council of the Public Prosecution all facts justifying the disciplinary measure against a prosecutor submitted to him/her by the Inspector General of the National Public Prosecution Authority.
Accusations from the Chief Intermediate Prosecutor at Intermediate level in which the accused prosecutor operates shall be submitted to the Prosecutor General with a copy to the General Inspectorate of the National Public Prosecution Authority which shall conduct investigation.

Sous-section 2: Procédure disciplinaire

Article 28: Procédure disciplinaire

Aucune procédure disciplinaire à l'encontre des officiers de poursuite judiciaire ne peut être engagée sans qu'il n'ait préalablement été invité par écrit à s'expliquer.

L'officier de poursuite judiciaire doit s'expliquer dans un délai n'excédant pas quinze (15) jours à compter de la date de la notification de la demande d'explication.

Toute la procédure disciplinaire est obligatoirement faite par écrit.

Article 29: Saisine du Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite

Le Procureur Général saisit le Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite des faits pouvant engager la procédure disciplinaire contre un officier de poursuite judiciaire, lui soumis par l'Inspecteur Général de l'Organe National de Poursuite Judiciaire.
Des plaintes reçues du Procureur en Chef au niveau de Grande Instance auprès duquel l'officier de poursuite judiciaire mis en cause est affecté, sont soumises au Procureur Général avec copie à l'Inspection Générale de l'Organe National de Poursuite Judiciaire pour mener des investigations y relatives.

Ubugenzuzi Bukuru bw'Ubushinjacyaha, mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uhereye igihe buboneye iyo kopi, bushyikiriza Umushinjacyaha Mukuru raporo y'ipererereza, kugira ngo ayigeze ku Nama Nkuru y'Ubushinjacyaha.

The General Inspectorate of the National Public Prosecution Authority shall submit, in a period not exceeding thirty (30) days from the date of receipt of the copy, to the Prosecutor General the report on investigations for its transmission to the High Council of the Public Prosecution.

Dans un délai n'excédant pas trente (30) jours à compter de la réception de la copie, l'Inspection Générale de l'Organe National de Poursuite Judiciaire adresse au Procureur Général le rapport d'investigations pour qu'il le transmette au Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite.

Ingingo ya 30*:* Itumizwa ry'Umushinjacyaha warezwe

Umushinjacyaha warezwe atumizwa n'ibaruwa ya Perezida w'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha mu buryo bukurikira:

1° ibaruwa ishinganye mu iposita;

2° ibaruwa yegejejweho ubwe n'ubifitiye ububasha;

3° ibaruwa yagejejweho n'Umushinjacyaha umusumbya intera.

Iyo atamusanze iwe, iyo baruwa ishyikirizwa uwashakanye n'uwahamagawe, uwo bafitanye isano babana mu rugo ufite nibura imyaka cumi n'itandatu (16) y'amavuko. Iyo ntawe ubonetse muri abo, ishyikirizwa Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari w'aho atuye.

Ibaruwa ishinganye imuhamagara imushyikirizwa nibura iminsi cumi n'itanu (15) mbere y'uko inama isuzuma ikibazo cye iterana.

Article 30*:* Summoning the accused Prosecutor

The accused Prosecutor shall be summoned by way of a letter written by the President of the High Council of the Public Prosecution as follows:

1° registered mail at the post office;

2° letter delivered to him/her by a competent authority.

3° letter delivered to him/her by a prosecutor of a superior rank.

In the absence of the prosecutor, the letter shall be given to the spouse, to a relative who has at least sixteen (16) years of age and resides with the concerned prosecutor. In case of absence of the above mentioned persons, the letter shall be given to the Executive Secretary of the Cell of his/her residence.

The registered mail shall be submitted to him/her at least fifteen (15) days before the meeting examining his/her case is held.

Article 30*:* Convocation de l'officier de poursuite judiciaire mis en cause

La convocation d'un officier de poursuite judiciaire mis en cause est faite par lettre du Président du Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite de la manière suivante :

1° lettre recommandée à la poste ;

2° lettre remise en main par l'autorité compétente;

3° lettre remise en main par l'officier de poursuite judiciaire de rang supérieur.

Faute de trouver l'officier de poursuite judiciaire, la lettre est remise au conjoint, à un membre de famille vivant sous le même toît et âgé d'au moins seize (16) ans révolus. A défaut des personnes désignées ci-haut, la lettre est remise au Secrétaire Exécutif de Cellule de sa résidence.

La convocation par lettre recommandée doit parvenir à l'officier de poursuite judiciaire au moins quinze (15) jours avant la séance qui examine son cas.

Iyo minsi ibarwa uhereye igihe iyo baruwa ishinganye yashyikirijwe iposita igatanga icyemezo cy'uko iyakiriye cyangwa uhereye igihe hatangiwe gihamya ko uregwa yashyikirijwe iyo baruwa yatanzwe mu ntoki.

Hashobora kandi gukoreshwa uburyo bw'ikoranabuhanga.

Such a period shall be countered from the day the registered mail was posted or hand delivered to the accused prosecutor with acknowledgement of receipt.

Electronic means may also be used.

Ce délai court du jour où la lettre recommandée a été déposée à la poste contre récépissé ou du jour où l'on a la preuve que la lettre a été remise de main à main à l'officier de poursuite judiciaire mis en cause.
La voie éléctronique peut être aussi utilisée.

<u>Ingingo ya 31</u>: Uburenganzira bwo kumenya ibikubiye mu idosiye y'uregwa

Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha ikimara kuregerwa, Umushinjacyaha warezwe afite uburenganzira bwo kumenya ibikubiye mu idosiye ye n'inyandiko zijyanye n'iperereza ry'ibanze iyo ryakozwe.

Akimara kubona idosiye, Perezida w'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha ashyikiriza Komisiyo ishinzwe imyitwarire y'ubushinjacyaha dosiye y'umushinjacyaha kugira ngo iyige.

Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha igena imikorere y'iyo Komisiyo.

Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha, ibisabwe mu nyandiko n'Umushinjacyaha Mukuru, ishobora guhagarika ku kazi by'agateganyo Umushinjacyaha warezwe n'iyo byaba mbere y'uko igezwaho dosiye kugeza ifashe icyemezo burundu. Icyo cyemezo ntikibuza uburenganzira ku mushahara kandi ntigitangazwa.

<u>Article 31</u>: Right to consult the file

From the time the matter is brought before the High Council of the Public Prosecution, the accused prosecutor has the right to consult his/her file as well as the proceedings of the investigation, if it has been carried out.

Upon receipt of the file**,** the President of the High Council of the Public Prosecution shall submit it to the disciplinary committee for consideration.

The High Council of the Public Prosecution determines the functioning of that committee.

The High Council of the Public Prosecution upon request by the Prosecutor General in writing may suspend an accused prosecutor from his/her duties even before the receipt of his/her file until a final decision is taken. Such a provisional suspension shall neither entail deprivation of the right to receive salary nor be published.

<u>Article 31</u>: Droit à la communication du dossier

Dès la saisine du Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite, l'officier de poursuite judiciaire mis en cause a droit à la communication de son dossier et des pièces de l'enquête préliminaire si elle a été faite.

Dès réception du dossier, le Président du Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite le transmet à la Commission de discipline pour examen.

Le Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite determine le fonctionnement de la Commission de discipline.

Le Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite, sur demande écrite du Procureur Général, peut suspendre provisoirement l'officier de poursuite judiciaire mis en cause même avant de lui communiquer son dossier jusqu'à la décision définitive. Cette suspension provisoire ne peut affecter le droit au salaire et ne peut être rendue publique.

Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha igomba kwiga ikibazo cy'uwo mushinjacyaha mu nama yayo ya mbere ikurikira ihagarikwa rye ikanagifataho icyemezo mu gihe kitarenze ukwezi kumwe (1).

The High Council of the Public Prosecution must examine the concerned prosecutor's case in its first session following the suspension and take a decision on it in a period not exceeding one (1) month.

Le Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite doit examiner le dossier de l'officier de poursuite judiciaire concerné lors de sa première réunion qui suit sa suspension et s'y prononcer dans un délai n'excédant pas un (1) mois.

Iyo Umushinjacyaha yahagaritswe ku kazi by'agateganyo n'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha, ibivugwa mu ngingo ya 26 y'iri tegeko birubahirizwa.

In case a prosecutor is suspended by the High Council of the Public Prosecution, Article 26 of this Law shall apply.

Lorsqu'un officier de poursuite judiciaire est suspendu provisoirement par le Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite, l'article 26 de la présente loi s'applique.

Ingingo ya 32: Kumva umushinjacyaha ukurikiranwe

Article 32: Hearing the accused prosecutor

Article 32: Audition de l'officier de poursuite judiciaire mis en cause

Mu gihe cy'iperereza, Komisiyo ishinzwe imyitwarire y'abashinjacyaha iteganywa mu Itegeko Ngenga ryerekeranye n'imikorere y'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha, yumva ubwayo nyir'ubwite, cyangwa igatuma umwe cyangwa benshi mu bayigize, byaba ngombwa ikumva n'uwo ikirego cyakomotseho ndetse n'abatangabuhamya. Ikora iperereza rya ngombwa. Umushinjacyaha ukurikiranywe ashobora kwiyambaza umwunganira.

In the course of investigations, the Disciplinary Committee provided for by the Organic Law on functioning of the High Council of the Public Prosecution shall hear the concerned prosecutor, or delegate one or several of its members and if deemed necessary, shall hear the complainant and witnesses. It shall conduct all necessary investigations. The accused Prosecutor may be legally represented by his/her lawyer.

Au cours de l'enquête, la Commission de discipline prévue par la Loi Organique sur le fonctionnement du Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite entend l'officier de poursuite judiciaire concerné ou délègue un ou plusieurs de ses membres, et s'il ya lieu, entend le plaignant et les témoins. La Commission de discipline accomplit tous les actes d'investigations nécessaires. L'officier de poursuite judiciaire mis en cause peut se faire représenter par un avocat.

Mbere y'iminsi nibura umunani (8) ibanziriza buri bazwa, Umushinjacyaha ukurikiranwe agomba guhabwa inyandiko zose zerekeranye n'ikirego.

All documents related to the complaint shall be submitted to the accused prosecutor at least eight (8) days prior to every cross examination.

Toutes les pièces du dossier disciplinaire doivent être communiquées à l'officier de poursuite judiciaire mis en cause au moins huit (8) jours avant chaque audition.

Ingingo ya 33: Guhamagara umushinjacyaha ukurikiranwe

Article 33: Summoning the accused Prosecutor

Article 33 : Citation à comparaître de l'officier de poursuite judiciaire mis en cause

Iyo iperereza ritari ngombwa kandi byemejwe n'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha cyangwa

If the High Council of the Public Prosecution finds that no investigation is required and it is concluded,

Lorsque le Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite juge que l'enquête

ryarangiye, Umushinjacyaha ahamagarwa kwitaba Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha kugira ngo ifate icyemezo.

the prosecutor shall be summoned to appear before it for a decision.

préliminaire n'est pas nécessaire ou qu'elle est achevée, l'officier de poursuite judiciaire est convoqué devant le Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite pour prendre une décision.

Ingingo ya 34: Kwitaba Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha

Umushinjacyaha wahamagawe agomba kwitaba ubwe.

Article 34: Appearing before the High Council of the Public Prosecution

The summoned prosecutor shall appear in person.

Article 34: Comparution devant le Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite

L'officier de poursuite judiciaire convoqué est tenu de comparaître en personne.

Ashobora kwiyambaza umwunganira kandi igihe hari impamvu yumvikana akaba yashaka umuhagararira.

He/she may have an advocate and, when there is a sound reason he/she may seek legal representative.

Il peut se faire assister et, en cas de raisons valables, se faire représenter.

Kimwe n'umuhagarariye cyangwa umwunganira, umushinjacyaha uregwa afite uburenganzira bwo kumenya ibikubiye mu idosiye ye byose, mbere y'uko aburana.

The accused prosecutor and his/her advocate or legal representative shall have the right to access the file before proceedings.

L'officier de poursuite judiciaire mis en cause et son mandataire ou son assistant ont droit à la communication du dossier avant l'audience.

Iyo Umushinjacyaha yahamagawe ntiyitabe cyangwa ngo ahagararirwe kandi nta mpamvu ikomeye yatanze, Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha ishobora gufata icyemezo nk'aho uregwa yari ahari.

Where the summoned prosecutor does not appear or has no legal representative without any serious reason, the High Council of the Public Prosecution shall take a decision as if he/she was present.

Si l'officier de poursuite judiciaire convoqué ne comparaît pas ou ne se fait pas représenter sans raison valable, le Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite peut statuer et la décision est réputée contradictoire.

Iyo impamvu ikomeye yatumye Umushinjacyaha atitaba cyangwa ngo ahagararirwe yamenyekanye nyuma y'uko Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha ifata icyemezo, icyo cyemezo gishobora gusubirwamo ikibazo kimaze kongera gusuzumwa.

If the reason impeding the appearance of the prosecutor or of his/her legal representative is brought to the attention of the High Council of the Public Prosecution after it has made its decision, the decision may be rescinded after reexamination of the case.

Si la raison, qui avait empêché l'officier de poursuite judiciaire de comparaître ou de se faire représenter, n'a pu être portée à la connaissance du Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite qu'après que ce dernier ait statué, la décision peut être rétractée après un nouvel examen du dossier.

Ingingo ya 35: Gusubirishamo icyemezo cyafashwe	**Article 35 : Opposition of the decision**	**Article 35: Opposition à la décision**
Umushinjacyaha utitabye cyangwa ngo ahagararirwe kubera impamvu ikomeye, ashobora gusaba ko icyemezo cyamufatiwe gisubirwamo mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) uhereye igihe yakimenyesherejwe.	In the event a decision is taken in the absence of the concerned prosecutor or his/her legal representative for sound reasons, he/she may appeal for such a decision within fifteen (15) days from the date when he/she was notified of the decision.	L'officier de poursuite judiciaire convoqué qui n'a pas pu comparaître ou se faire représenter pour des raisons valables, peut former opposition contre la décision prise à son égard dans les quinze (15) jours à partir du jour où il en a été notifiée.
Ibyo abikora mu ibaruwa ishinganye mu iposita cyangwa itanzwe mu ntoki kandi hagatangwa gihamya y'uwayakiriye. Iyo baruwa yandikirwa Perezida w'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha, na we akayishyikiriza Komisiyo ishinzwe imyitwarire y'abashinjacyaha. Itariki yayohererejeho mu iposita cyangwa iyo yayitangiyeho mu ntoki ni yo ifatwa mu kubara ibihe.	The opposition is made by registered mail at the post office or hand delivered with acknowledgement of receipt. Such a mail is addressed to the President of the High Council of the Public Prosecution who shall in turn bring the matter before the Disciplinary Committee. The date of deposit of the letter at the post office or that of hand delivery shall be the one to be considered in calculating the time limits.	L'opposition est formée par lettre recommandée à la poste ou remise de main à main avec accusé de réception. Ladite lettre est adressée au Président du Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite qui en saisit la Commission de discipline. La date du dépôt à la poste ou de la remise de la lettre sert de base pour la computation des délais.
Ashobora kandi gukoresha uburyo bw'ikoranabuhanga.	He/she may also use the electronic means.	Il peut aussi utiliser la voie éléctronique.
Isubirishamo rihagarika ishyirwa mu bikorwa ry'icyemezo kinengwa. Iyo isubirishamo ryasabwe kandi rikemerwa, Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha irongera igaterana, uregwa n'abatangabuhamya bahamagajwe.	The opposition shall suspend the execution of the decision taken. In case such opposition has been made and accepted, the High Council of the Public Prosecution shall be reconvened and the concerned prosecutor and witnesses shall be summoned.	L'opposition suspend l'exécution de la décision attaquée. Au cas où l'opposition a été formée et admise, le Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite se réunit à nouveau, l'intéressé et les témoins dûment convoqués.
Iyo nyir'ubwite yongeye kutitaba, usibye mu gihe habaye impamvu zitunguranye kandi zitamuturutseho, icyemezo gifatwa burundu nk'aho nyir'ubwite yari ahari.	If the respondent prosecutor does not appear again, the decision shall be final and considered as rendered in the presence of the accused, except in case of force majeure.	Si l'officier de poursuite judiciaire convoqué ne comparaît pas de nouveau, la décision prise est définitive et réputée contradictoire, sauf en cas de force majeure.

Ingingo ya 36: Kwiregura k'Umushinjacyaha

Ku munsi wemejwe mu nyandiko ihamagaza, Komisiyo ishinzwe imyitwarire imaze kuvuga uko ikirego giteye, hamaze no kumvwa uhagarariye Ubugenzuzi bw'Ubushinjacyaha n'abatangabuhamya, mu gihe bahari, Umushinjacyaha asabwa gutanga ibisobanuro no kwiregura ku byo bamushinja.

Article 36: Defence of the accused prosecutor

On the day indicated on the summon, after the disciplinary committee has submitted its findings and hearing from the representative of the Inspectorate of the National Public Prosecution Authority and the witnesses, if any, the accused prosecutor is called upon to defend him/herself.

Article 36: Défense de l'officier de poursuite judiciaire

Au jour fixé par la citation, après lecture du rapport du dossier par la commission de discipline et audition du représentant du Service de l'Inspection de l'Organe National de Poursuite Judiciaire et des témoins s'il y en a, l'officier de poursuite judiciaire est invité à produire ses moyens de défense.

Ingingo ya 37: Gufata ibyemezo mu muhezo

Ku byerekeye itangwa ry'ibihano, Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha ifata ibyemezo mu muhezo. Ibyo byemezo bigomba kugaragaza impamvu zashingiweho.

Ibyemezo bifatwa ku bwumvikane busesuye, bitashoboka bigafatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abahari mu itora rikozwe mu ibanga.

Iyo amajwi angana, itora risubirwamo. Iyo ku nshuro ya kabiri nta bwiganze bubonetse, ijwi rya Perezida ni ryo rikemura impaka.

Icyemezo cy'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha ntikijuririrwa.

Article 37: Deliberations in camera

In disciplinary matters, the High Council of the Public Prosecution shall take decisions in camera. Such decisions shall indicate reasons on which they were based.

Decisions shall be taken by consensus, if not possible, they shall be taken by absolute majority vote of the members present through a secret ballot.

In case of a tie, the voting shall be repeated. If no absolute majority during the second round is obtained, the President's vote shall be the casting vote.

The decision of the High Council of the Public Prosecution is not appealed against.

Article 37: Délibérations à huis clos

En matière disciplinaire, le Conseil Supérieur de l'Organe de Poursuite statue à huis clos. Ces décisions doivent être motivées.

Les décisions sont prises par consensus et à défaut à la majorité absolue des voix des membres présents et au scrutin secret.

En cas de parité des voix, le vote est repris. Si la majorité absolue ne se dégage pas au second tour, la voix du Président est prépondérante.

La décision du Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite n'est pas susceptible d'appel.

Ingingo ya 38 : Kumenyesha icyemezo cyafashwe

Icyemezo Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha yafashe

Article 38 : Notification of the decision taken

The decision of the High Council of the Public

Article 38: Notification de la décision prise

La décision du Conseil Supérieur de l'Organe

kimenyeshwa umushinjacyaha cyafatiwe hakurikijwe uburyo bw'imenyesha buteganywa n'ingingo ya 30 y'iri tegeko.

Prosecution is notified to the concerned prosecutor in accordance with Article 30 of this Law.

National de Poursuite est notifiée à l'officier de poursuite judiciaire concerné suivant les dispositions de l'article 30 de la présente loi.

Icyemezo cyafashwe gitangira gukurikizwa ku munsi umushinjacyaha yakimenyesherejweho.

The decision taken shall take effect on the date of its notification to the concerned prosecutor.

La décision prise sort ses effets à partir du jour de sa notification à l'officier de poursuite judiciaire concerné.

Ingingo ya 39: Amategeko ngengamikorere

Article 39: Internal Rules and Regulations

Article 39: Règlement d'Ordre Intérieur

Ku byerekeye itangwa ry'ibihano, amategeko ngengamikorere y'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha asobanura ibigomba gukurikizwa bidasobanuye muri iri tegeko.

The internal rules and regulations of the High Council of the Public Prosecution shall provide for the details of the disciplinary procedure which are not included in this Law.

Le Règlement d'Ordre Intérieur du Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite précise les modalités de la procédure disciplinaire non déterminées dans la présente loi.

Icyiciro cya 5: Isuzumamikorere ry'abashinjacyaha

Section 5: Performance appraisal of prosecutors

Section 5: Evaluation des performances pour les officiers de poursuite judiciaire

Ingingo ya 40: Isuzumamikorere

Article 40: Performance appraisal

Article 40: Evaluation des performances

Uretse Umushinjacyaha Mukuru n'Umushinjacyaha Mukuru Wungirije, buri mushinjacyaha akorerwa isuzumamikorere buri mwaka n'umuyobozi umukuriye.

With exception of the Prosecutor General and the Deputy Prosecutor General, the performance appraisal of every Prosecutor shall be made annually by his/her immediate superior.

Hormis le Procureur Général et le Procureur Général Adjoint, il est procédé à une évaluation professionnelle annuelle pour chaque officier de poursuite judiciaire par son supérieur hiérarchique.

Iryo suzumamikorere rikorerwa ku mpapuro zigenwa n'Urwego rw'Ubugenzuzi bw'Ubushinjacyaha Bukuru mu miterere yazo, zikemezwa n'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha.

Such an appraisal shall be done on the forms designed by the Inspectorate of the National Public Prosecution Authority and approved by the High Council of the Public Prosecution.

L'évaluation se fait sur un bulletin dont le modèle est établi par le Service de l'Inspection de l'Organe National de Poursuite Judiciaire préalablement approuvé par le Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite.

Inyandiko y'isuzumamikorere igaragaza nibura ibikorwa by'umushinjacyaha, ibyo ashimwa cyangwa agawa ku buryo bwa rusange, imirimo

The appraisal note shall at least indicate the Prosecutor's activities, his/her positive or negative general appreciation, his/her abilities, and if

La note d'évaluation doit au moins décrire les activités de l'officier de poursuite judiciaire, porter sur lui une appréciation générale positive

ashoboye, bibaye ngombwa hakavugwa amahugurwa akeneye.

considered necessary, trainings needed.

ou négative, dégager ses aptitudes professionnelles et le cas échéant ses besoins en formation.

Iyo nyandiko iherekezwa nibura n'ibi bikurikira:

Such a document shall be accompanied by at least the following :

Cette note d'évaluation doit au moins être accompagnée :

1° inyandiko y'Umushinjacyaha isobanura ibikorwa bye n'amahugurwa yakurikiye;

1° the prosecutor's note describing his/her activities with a statement of the training he/she attended;

1° d'une note rédigée par l'officier de poursuite judiciaire décrivant ses activités et faisant état des formations suivies;

2° inyandiko zikubiyemo icyo uyobora Umushinjacyaha amuvugaho;

2° remarks written by the immediate superior of the prosecutor ;

2° des observations écrites du supérieur hiérarchique de l'officier de poursuite judiciaire ;

3° raporo y'ubugenzuzi.

3° the report of the Inspectorate.

3° du rapport du Service de l'Inspection.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyiraho uburyo bukoreshwa hakorwa isuzumabushobozi n'izamurwa mu ntera ry'abashinjacyaha n'abafasha b'abashinjacyaha.

A Prime Minister's Order shall establish procedural requirements of the system of performance appraisal and promotion of Proseecutors and assistants of prosecutors.

Un arrêté du Premier Ministre fixe les modalités d'évaluation de performance et de promotion des officiers de poursuite judiciaire et des assistants des officiers de poursuite judiciaire.

Ingingo ya 41: Amanota agayitse

Article 41: Appraisal graded as poor

Article 41: Note médiocre

Bitabangamiye ibiteganywa mu ngingo ya 40 y'iri tegeko, Umushinjacyaha ashimwa cyangwa agawa hakoreshejwe uburyo bwo gutanga amanota buteganywa n'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha.

Without prejudice to Article 40 of this Law, the positive or negative general appreciation of a prosecutor is graded by using marking scale provided for by the the High Council of the Public Prosecution.

Sans préjudice de l'article 40 de la présente loi, l'appréciation générale positive ou négative à l'égard de l'officier de poursuite judiciaire est synthétisée suivant l'échelle de cotation prévue par le Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite.

Iyo Umushinjacyaha agize amanota ari munsi y'icya kabiri (1/2) cy'amanota yabariweho, Umushinjacyaha Mukuru akorera Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha inyandiko isaba ko yirukanwa

Where the prosecutor's appraisal is less than a half (1/2) of the total marks considered, the Prosecutor General shall submit a note to the High Council of the Public Prosecution requesting for his/her

Lorsque la note d'évaluation synthétisée est inférieure à la moitié (1/2) du nombre total de points prévus, le Procureur Général fait une note au Conseil Supérieur de l'Organe National de

mu Bushinjacyaha.

dismissal from the public prosecution service.

Poursuite proposant la révocation de l'officier évalué.

Ingingo ya 42: Abayobozi bafite ububasha bwo gukora isuzumamikorere

Isuzumamikorere rya burundu rikorwa n'Umushinjacyaha Mukuru.

Isuzumamikorere ry'Umushinjacyaha watijwe cyangwa washyizwe ahandi rikorwa n'umukuru w'urwego cyangwa w'Ikigo yashyizwemo.

Article 42: Competent Authorities to do the performance appraisal

The final perfomance appraisal shall be done by the Prosecutor General.

The perfomance appraisal of a prosecutor who has been placed under secondment or at a disposal of another department shall be carried out by the head of the institution or agency to which the prosecutor is appointed.

Article 42: Autorités compétentes pour faire l'évaluation professionnelle

L'évaluation définitive des performances est faite par le Procureur Général.

L'évaluation professionnelle de l'officier de poursuite judiciaire détaché ou mis à la disposition d'une autre institution, est faite par le supérieur hiérarchique de l'institution ou de l'organisme auquel il est affecté.

Ingingo ya 43: Guhabwa kopi z'inyandiko z'isuzumamikorere

Umushinjacyaha agomba guhabwa n'Umuyobozi we kopi z'inyandiko z'isuzumamikorere zivugwa mu ngingo ya 40 y'iri tegeko kandi agasinya ko azibonye.

Umushinjacyaha utishimiye isuzumamikorere ryamukorewe, ashobora gutanga ibitekerezo bye, mu minsi cumi n'itanu (15) ahereye ku munsi yaboneyeho kopi. Iyo ibyo bitekerezo bifite ishingiro, isuzumamikorere rirahindurwa. Uko byagenda kose, Umushinjacyaha amenyeshwa isuzumamikorere rya burundu.

Isuzumamikorere rya burundu ryohererezwa Ubugenzuzi bw'Ubushinjacyaha Bukuru mbere y'itariki cumi n'eshanu (15) Gashyantare

Article 43: Notifying the appraisal copies

The copies of documents mentioned in Article 40 of this Law shall be notified to the concerned prosecutor by his/her superior and the prosecutor shall sign an acknowledgement of receipt.

A prosecutor who is not satisfied with the appraisal may make his/her comments on the appraisal, within a period of fifteen (15) days from the date he/she was notified of it. If such comments have basis, the appraisal shall be changed. In all circumstances the concerned prosecutor shall be notified of the final appraisal.

The final appraisal shall be transmitted to the Inspectorate of the National Public Prosecution Authority before fifteenth February of the year

Article 43: Signification des copies de l'évaluation

Des copies des documents mentionnés à l'article 40 de la présente loi sont signifiées par le supérieur hiérarchique à l'officier de poursuite judiciaire concerné qui en accuse réception.

L'officier de poursuite judiciaire qui n'est pas satisfait de l'évaluation lui faite peut, dans les quinze (15) jours à compter du jour où il en a été signifiée, faire des observations concernant cette évaluation. Lorsque ces observations s'avèrent fondées, l'évaluation est revue. Dans tous les cas, l'évaluation définitive est communiquée à l'officier de poursuite judiciaire.

L'évaluation professionnelle définitive est transmise au Service de l'Inspection de l'Organe National de Poursuite Judiciaire avant le quinze

y'umwaka ukurikira ukorerwa isuzumamikorere.

Mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) uhereye ku munsi yamenyesherejweho isuzumamikorere rya burundu, Umushinjacyaha ashobora gushyikiriza urwego rw'ubugenzuzi ibyo ataryemeraho.

Urwego rw'ubugenzuzi bw'Ubushinjacyaha Bukuru rutanga umwanzuro usobanuwe mu mpamvu zawo kandi ukamenyeshwa nyir'ubwite.

Izo nyandiko zose zohererezwa Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha ikaba yahindura isuzumamikorere niba byarasabwe n'ubugenzuzi. Iyo Ubugenzuzi butabisabye, burabimumenyesha akaba ashobora kubyisabira Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha.

Ingingo ya 44: Dosiye ya buri mushinjacyaha mu Bugenzuzi bw'Ubushinjacyaha Bukuru

Umushinjacyaha wese agira idosiye mu Bugenzuzi bw'Ubushinjacyaha Bukuru. Idosiye igomba kujyamo inyandiko zose zifitanye isano n'akazi, zikandikwa mu gitabo cyabigenewe kandi zigahabwa nimero zitondekanye ku mujyo umwe. Ntihajyamo ibyerekeye ibitekerezo by'Umushinjacyaha, ibikorwa bye mu mashyirahamwe cyangwa mu masendika, ibyo yemera mu madini cyangwa mu mitekerereze

following the year in which the appraisal is made.

Within a period of fifteen (15) days from the date when the final appraisal is notified, the concerned prosecutor may express his/her dissatisfaction on it to the Inspectorate.

The Inspectorate of the National Public Prosecution Authority shall present its opinion and it shall be communicated to the concerned prosecutor.

All those documents shall be sent to the High Council of the Public Prosecution which may change the appraisal if so requested by the Inspectorate. If the Inspectorate does not request the change of the appraisal, it shall inform the concerned prosecutor who may apply for such change to the High Council of the Public Prosecution.

Article 44: Keeping file of prosecutor in the Inspectorate of the National Public Prosecution Authority

Each Prosecutor shall have a file in the Inspectorate of the National Public Prosecution Authority a file for each prosecutor. The file shall contain all the documents concerning his/her carreer, which shall be registered, numbered and filed in a proper sequence. It shall not contain documents relating to his/her personal opinions, his/her activities relating to associations or trade unions, religious or philosophical beliefs.

(15) février de l'année qui suit celle sur laquelle a porté l'évaluation.

Dans un délai de quinze (15) jours à dater de la signification de l'évaluation définitive, l'officier de poursuite judiciaire peut en faire recours auprès du Service de l'Inspection.

Le Service de l'Inspection de l'Organe National de Poursuite Judiciaire émet un avis motivé qui est notifié à l'intéressé.

Tous ces documents sont transmis au Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite qui peut modifier l'évaluation si le Service de l'Inspection l'a ainsi demandé. Si le service de l'Inspection n'a pas fait une telle demande, elle est tenue d'informer l'intéressé qui peut le demander lui-même au Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite.

Article 44: Tenue des dossiers d'officier de poursuite judiciaire au service de l'Inspection de l'Organe National de Poursuite Judiciaire

Il est tenu au Service de l'Inspection de l'Organe National de Poursuite Judiciaire un dossier pour chaque officier de poursuite judiciaire. Le dossier de l'officier de poursuite judiciaire doit comporter toutes les pièces concernant sa situation professionnelle qui sont enregistrées, numérotées et classées sans discontinuité. Il n'y est pas fait état de ses opinions personnelles, activités associatives ou syndicales, religieuses ou

y'abantu.

Umushinjacyaha yemerewe kureba mu idosiye ye ariko ntayikure mu biro.

Icyiciro cya 6: Aho umushinjacyaha ashobora kuba ari

Akiciro ka mbere: Iminsi y'akazi n'iy'ikiruhuko by'abashinjacyaha

Ingingo ya 45: Ibyiciro Umushinjacyaha ashobora kuba arimo

Umushinjacyaha wese ashobora kuba :

1° ari mu mirimo y'ubushinjacyaha;

2° yaratijwe;

3° yarashyizwe ahandi;

4° yarahagaritswe ku kazi by'agateganyo;

5° yaremerewe kuba ahagaritse akazi mu gihe kitazwi.

Ingingo ya 46: Iminsi y'akazi n'ikiruhuko by'abashinjacyaha

Haseguriwe ibivugwa mu ngingo ya 45 y'iri tegeko, umushinjacyaha aba ari ku kazi ke igihe akora koko akazi k'ubushinjacyaha ku rwego

A Prosecutor shall be allowed to consult his/her personal file without taking it from the office.

Section 6: Statutory positions of a prosecutor

Sub-section One: Working days and leave of Prosecutors

Article 45: Different statutory positions of a Prosecutor

Every prosecutor may be in any of the following positions :

1° in service of public prosecution;

2° on secondment;

3° at another administration disposal;

4° on temporary suspension;

5° on leave of absence for non-specific period.

Article 46: Working days and leave of Prosecutors

Subject to the Article 45 of this Law, a prosecutor is in service where he/she effectively carries out his/her duties at the rank to which he/she has been

philosophiques.

L'officier de poursuite judiciaire est autorisé à consulter son dossier sans le déplacer.

Section 6: Position statutaire de l'officier de poursuite judiciaire

Sous-section première: Jours de travail et congés des Officiers de poursuite judiciaire

Article 45: Différentes positions statutaires d'un officier de poursuite judiciaire

Tout officier de poursuite judiciaire est placé dans l'une des positions suivantes :

1° en activité de poursuite judiciaire;

2° en détachement;

3° à la disposition d'un autre service;

4° en suspension provisoire;

5° en disponibilité.

Article 46: Jours de travail et congés des Officiers de poursuite judiciaire

Sous réserve des dispositions de l'article 45 de la présente loi, tout officier de poursuite judiciaire est en activité lorsqu'il exerce effectivement ses

yashyizweho.

Umushinjacyaha uri mu kiruhuko, mu butumwa cyangwa mu mahugurwa yemewe n'umukoresha we, afatwa nk'uri ku kazi kandi ahabwa umushahara we wose n'ibindi agenerwa n'amategeko.

Ingingo ya 47 Ikiruhuko

Umushinjacyaha uri ku kazi afite uburenganzira bwo guhabwa ikiruhuko hakurikijwe ibiteganywa n'Itegeko rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta**.**

Ingingo ya 48: Uruhushya rw'ikiruhuko

Uruhushya rutarengeje umunsi umwe (1) rutavanwa mu minsi y'ikiruhuko cy'umwaka rushobora guhabwa Umushinjacyaha, ku buryo bw'umwihariko, iyo amaze kwerekana impamvu igaragara ituma arusaba; kandi akaruhabwa n'umukuriye mu kazi. Ariko Umushinjacyaha ntashobora kurenza iminsi icumi (10) y'uruhushya mu mwaka.

Akiciro ka 2: Ugutizwa n'ugushyirwa ahandi k'umushinjacyaha

Ingingo ya 49: Ugutizwa

Ugutizwa ni igihe umushinjacyaha ahagarika akazi ke by'agateganyo kubera inyungu z'Igihugu kugira ngo:

appointed.

A prosecutor who is on leave, on official mission or on training authorised by his/her employer, shall also be considered as being in service and shall be entitled to all his/her salary and other benefits provided for by laws.

Article 47: Leave

A prosecutor who is in service shall have the right to a leave in accordance with the Law on General Statute for Rwanda Public Service.

Article 48: Authorised absence

An authorized absence of one (1) day which is not deductible from the annual leave may exceptionally be granted to a prosecutor by his/her immediate superior, for justified reasons. However, a prosecutor cannot benefit from more than ten (10) days of authorized absence in a year.

Sub-section 2: Secondment and placement at another administration disposal

Article 49: Secondment

Secondment occurs when a prosecutor's activities are interrupted in public interest in order to:

fonctions au rang auquel il a été affecté.

L'officier de poursuite judiciaire en congé, en mission officielle, en formation autorisée par l'employeur est considéré comme étant en position d'activité et il a droit à l'entièreté de son salaire et autres avantages prévus par les lois.

Article 47: Congé

L'officier de poursuite judiciaire en activité a droit au congé conformément à la Loi portant Statut Général de la Fonction Publique Rwandaise.

Article 48: Permission d'absence

La permission d'absence d'une (1) journée au maximum non déductible du congé annuel est accordée à l'officier de poursuite judiciaire exceptionnellement par le supérieur hiérarchique, pour des motifs dûment justifiés. Toutefois, l'officier de poursuite judiciaire ne peut bénéficier de plus de dix (10) jours de permission d'absence, par année.

Sous-section 2: Détachement et mise à la disposition d'un autre service

Article 49: Détachement

Le détachement est la position de l'officier de poursuite judiciaire appelé à interrompre provisoirement ses fonctions dans l'intérêt public, pour :

1° akore umurimo mu muryango Leta ifitemo inyungu cyangwa mu muryango wigenga ufitanye amasezerano na Leta;

2° akore umurimo mu muryango mpuzamahanga igihugu kirimo.

1° perfom activities in an organisation in which the Government has interests or a private organisation that has a contract with the Government;

2° perfom activities in an international organisation to which the State is a party.

1° occuper un emploi auprès d'un organisme dans lequel l'Etat a des intérêts ou auprès d'un organisme privé lié à l'Etat par une convention;

2° occuper un emploi auprès d'un organisme international dont le pays est membre.

Ingingo ya 50: Amategeko agenga Umushinjacyaha watijwe

Umushinjacyaha watijwe agengwa n'amategeko y'ikigo cyangwa umuryango yajyanywemo keretse ibyerekeye kurangiza akazi burundu.

Article 50: Regulations governing a Prosecutor on secondment

The prosecutor on secondment shall be governed by the regulations of the institution or organisation of secondment with the exception of office termination.

Article 50: Règlement régissant l'officier de poursuite judiciaire en détachement.

L'officier de poursuite judiciaire détaché est soumis aux règlements de l'institution ou de l'organisation de détachement, sauf pour ce qui a trait à la cessation définitive d'activités.

Ingingo ya 51:Ugushyirwa ahandi

Ugushyirwa ahandi ni igihe umushinjacyaha ashyirwa mu bundi butegetsi bwa Leta bufite sitati itandukanye n'igenga abashinjacyaha n'abandi bakozi bo mu Bushinjacyaha Bukuru cyangwa mu muryango uharanira guteza imbere abaturage.

Article 51: Placement at another administration disposal

The prosecutor is placed at another administration disposal when he/she is transferred into a public administration with a different statute that the one governs prosecutors and other members of personnel of the National Public Prosecution Authority or into an organisation of public interest.

Article 51: Mise à la disposition d'un autre service

La mise à la disposition de l'officier de poursuite judiciaire à un autre service est la position qui lui permet d'être au service d'une administration de l'Etat ayant un Statut différent de celui des officiers de poursuite judiciaire et des autres membres du personnel de l'Organe National de Poursuite Judiciaire ou d'un organisme d'utilité publique.

Ingingo ya 52: Urwego rufite ububasha bwo gutiza cyangwa gushyira ahandi Umushinjacyaha n'uburenganzira bw'uwatijwe cyangwa uwashyizwe ahandi

Ugutizwa cyangwa ugushyirwa ahandi k'umushinjacyaha bikorwa n'Iteka rya Minisitiri

Article 52: Competent authority to approve secondment or placement of a Procecutor at another administration disposal and rights of the concerned Prosecutor

The secondment or placement of a prosecutor at another administration disposal is approved by a

Article 52: Autorité compétente pour approuver le détachement ou la mise à la disposition de l'officier de poursuite judiciaire à un autre service et droits de l'officier de poursuite judiciaire concerné

Le détachement ou la mise à la disposition de l'officier de poursuite judiciaire à un autre service

w'Intebe.

Umushinjacyaha watijwe cyangwa washyizwe ahandi agumana uburenganzira bwe bwo kuzamurwa mu ntera n'uburambe mu kazi. Akomeza kugengwa n'iri tegeko mu bishobora byose kubangikana n'imirimo ye mishya.

Ahembwa n'ubutegetsi cyangwa Umuryango akoramo nk'uko amategeko y'ubwo butegetsi cyangwa y'uwo muryango abiteganya.

Ingingo ya 53: Ububasha bwo guhana Umushinjacyaha watijwe cyangwa washyizwe ahandi

Ubuyobozi Bukuru bw'Urwego rw'Ubutegetsi, ubw'umuryango cyangwa ubw'ikigo Umushinjacyaha yatijwemo cyangwa yashyizwemo bufite ububasha bwo kumuhana.

Ariko kandi urwego rwamuhaye akazi ni rwo rwonyine rushobora kumuha igihano cyo kwirukanwa.

Ingingo ya 54: Irangira ry'ugushyirwa ahandi cyagwa ugutizwa

Iyo ugutizwa cyangwa ugushyirwa ahandi birangiye, Umushinjacyaha ahita asubizwa mu mirimo y'ubushinjacyaha keretse iyo ugutizwa cyangwa ugushyirwa ahandi bihagaritswe

Primer Minister Order**.**

The prosecutor who is on secondment or placed at disposal of another administration remains with his/her rights to be promoted and to get seniority. He/she will continue to be governed by this Law in all matters compatible with his/her new duties.

He/she is remunerated by the institution or organisation he/she has been appointed in accordance with the rules governing such institution or organisation.

Article 53: Powers to take disciplinary measures against a prosecutor on secondment or placed at disposal of another administration

The Directorate General of the administration, organisation or agency to which the prosecutor is in secondment or has been placed, has the powers to take disciplinary measures against him/her.

However, dismissal shall only be taken by the appointing organ.

Article 54: End of placement at another administration disposal or secondment

When the period of secondment or placement at another administration disposal is over, the prosecutor is automatically reinstated into public prosecution, except when the secondment or the

est approuvé par Arrêté du Premier Ministre.

L'officier de poursuite judiciaire détaché ou mis à la disposition d'un autre service conserve ses droits d'obtenir la promotion des rangs et de l'ancienneté. Il reste soumis à la présente loi pour tout ce qui est compatible avec ses nouvelles fonctions.

Il est rémunéré par le service ou l'organisme auprès duquel il est affecté conformément aux règlements qui régissent ledit service ou organisme.

Article 53: Pouvoir de prendre des mesures disciplinaires à l'encontre de l'officier de poursuite judiciaire en détachement ou mis à la disposition d'un autre service

La Direction Générale de l'administration de l'organisation ou de l'agence auprès de laquelle l'officier de poursuite judiciaire a été détaché ou placé exerce sur lui le pouvoir disciplinaire.

Toutefois, la révocation reste de la compétence exclusive de l'autorité de nomination.

Article 54: Fin de la mise à la disposition d'un autre service ou du détachement

A la fin du détachement ou de la mise à la disposition d'un autre service, l'officier de poursuite judiciaire est automatiquement réintégré dans les services de poursuite judiciaire, sauf si le

n'impamvu z'ibihano.

placement is ended by means of disciplinary measure.

détachement ou la mise à la disposition est mis fin au moyen d'une mesure disciplinaire.

Akiciro ka 3: Guhagarikwa ku kazi by'agateganyo k'umushinjacyaha

Sub-section 3: Temporary suspension of a Prosecutor

Sous-Section 3: Suspension provisoire de l'officier de poursuite judiciaire

Ingingo ya 55: Guhagarikwa ku kazi by'agateganyo k'umushinjacyaha ku mpamvu z'uburwayi

Article 55 : Temporary Suspension of a prosecutor due to sickness

Article 55: Suspension provisoire de l'officier de poursuite judiciaire pour cause de maladie

Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha ibisabwe n'Umushinjacyaha Mukuru, ishobora guhagarika by'agateganyo Umushinjacyaha ku kazi mu gihe afite uburwayi bwemejwe n'umuganga wemewe na Leta iyo ubwo burwayi bumaze cyangwa bushobora kumara iminsi irenze mirongo itatu (30).

The High Council of the Public Prosecution may temporary suspend a prosecutor upon proposal of the Prosecutor General during a period of sickness, which has been certified by a recognized doctor, if such period exceeds or is likely to exceed thirty (30) days.

Tout officier de poursuite judiciaire peut être mis en suspension provisoire par le Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite sur proposition du Procureur Général pendant la durée d'une maladie constatée par un médecin agréé par le Gouvernement, si cette durée excède ou peut excéder trente (30) jours.

Guhagarikwa ku kazi by'agateganyo kubera impamvu z'uburwayi ntibishobora kurenza amezi atandatu (6).

The duration of the period of temporary suspension due to sickness can not exceed six (6) months.

La durée de la suspension provisoire pour cause de maladie ne peut pas excéder six (6) mois.

Ingingo ya 56: Gusubira mu kazi

Article 56: Resumption of duty

Article 56: Reprise de service

Iyo igihe kivugwa mu gika cya kabiri cy'ingingo ya 55 y'iri tegeko kirangiye, Umushinjacyaha ahita asubira mu kazi nta kindi asabwe.

At the expiry of the period mentioned in second paragraph of Article 55 of this Law, the prosecutor is reinstated without any further formalities.

A l'expiration de la période prévue par le deuxième alinéa de l'article 55 de la présente loi, l'officier de poursuite judiciaire reprend le service sans autre formalité.

Iyo uburwayi bukomeje, Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha ifatira Umushinjacyaha ibyemezo bya ngombwa ihereye kuri raporo y'akanama k'abaganga kavugwa mu ngingo ya 64 y'iri tegeko**.**

If the sickness subsists, the High Council of the Public Prosecution takes any necessary measures with respect to the report of the medical committee mentioned in Article 64 of this Law.

Si la maladie persiste, le Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite prend les mesures qui s'imposent sur base du rapport de la commission médicale prévue par l'article 64 de la présente loi.

Ingingo ya 57: Uburenganzira bw'umushinjacyaha wahagaritswe ku kazi by'agateganyo kubera uburwayi

Umushinjacyaha wahagaritswe ku kazi by'agateganyo kubera impamvu z'uburwayi abona umushahara we kandi agumana uburenganzira bwose butangwa n'amategeko.

Article 57: Rights of a prosecutor on temporary suspension due to sickness

A prosecutor on temporary suspension due to sickness shall be paid his/her salary and shall retain all other statutory benefits.

Article 57: Droits de l'officier de poursuite judiciaire en suspension provisoire pour cause de maladie

Tout officier de poursuite judiciaire en suspension provisoire pour cause de maladie bénéficie de son salaire et conserve tous les avantages statutaires.

Ingingo ya 58: Guhagarikwa by'agateganyo bitewe n'ivanwaho ry'umwanya

Umushinjacyaha ashobora guhagarikwa ku kazi by'agateganyo bitewe n'uko umwanya yakoragamo uvuyeho ku nyungu z'akazi, ariko ibyo ntibirenza amezi atandatu (6).

Umushinjacyaha wahagaritswe kubera iyo mpamvu agumana bibiri bya gatatu (2/3) by'umushahara we.

Iyo igihe cyivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo kirangiye atarabonerwa undi mwanya, asezererwa nta mpaka mu buryo buteganywa n'ingingo ya 63 y'iri tegeko.

Article 58: Temporary suspension due to suppression of post

A prosecutor may be placed on temporary suspension due to suppression of the post in the interest of the service. Such suspension shall not exceed six (6) months.

A prosecutor suspended for such reason shall have the right to be paid two thirds (2/3) of his/her salary.

If the period mentioned in paragraph one of this Article expires before the prosecutor is given another appointment, he/she shall be automatically dismissed in accordance with the Article 63 of this Law.

Article 58: Suspension provisoire pour cause de suppression de poste

Tout officier de poursuite judiciaire peut être placé en suspension provisoire pour cause de suppression de poste dans l'intérêt du service. Cette suspension ne peut pas excéder six (6) mois.

Tout officier de poursuite judiciaire suspendu pour ce motif conserve le droit à deux tiers (2/3) du salaire.

Si à l'expiration de la période stipulée au premier paragraphe du présent article l'officier de poursuite judiciaire n'a pas été affecté à un autre poste, il est démis d'office conformément à l'article 63 de la présente loi.

Akiciro ka 4: Gusaba kuba uhagaritse akazi mu gihe kitazwi k'ubushinjacyaha

Sub-section 4: Leave of absence for non-specific period of a prosecutor

Sous-section 4 : Mise en disponibilité de l'officier de poursuite judiciaire

Ingingo ya 59: Gusaba kuba uhagaritse akazi k'ubushinjacyaha

Umushinjacyaha ashobora gusaba kuba ahagaritse akazi mu ibaruwa yandikira Inama Nkuru

Article 59: Leave of absence for non-specific period

A prosecutor may request for leave of absence through a letter addressed to the High Council of

Article 59: Mise en disponibilité

L'officier de poursuite judiciaire peut demander la mise en disponibilité par lettre adressée au

y'Ubushinjacyaha, akagenera kopi Umushinjacyaha Mukuru iyo:

1° ashaka kujya kwiga cyangwa gukora imirimo y'ubushakashatsi;

2° ashaka kujya gukora imirimo ya politiki;

3° afite impamvu ze bwite agomba gusobanura zikemerwa cyangwa ntizemerwe.

Bitabangamiye ibivugwa mu gace ka 2° k'iyi ngingo, impamvu yo gusaba guhagarika akazi ntishobora kuba gushaka akandi kazi.

Ingingo ya 60: Kwemererwa guhagarika akazi k'umushinjacyaha n'ingaruka zabyo

Umushinjacyaha wasabye guhagarika akazi ahabwa igisubizo mu nyandiko mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30).

Iyo icyo gihe kirenze nta gisubizo arahabwa, ugusaba kwe gufatwa nkaho kwemewe.

Umushinjacyaha wemerewe kuba ahagaritse akazi aba avuye mu rwego rw'ubushinjacyaha. Ntiyongera kubona umushahara, ntabona kandi muri icyo gihe, amafaranga agenewe abasezerewe

the Public Prosecution with a copy to the Prosecutor General when:

1° he/she wants to undertake studies or research activities;

2° he/she wants to carry out political activities;

3° he/she has other personal reasons that may be subject to approval.

Without prejudice to the subparagraph 2° of this Article, application for leave of absence for non-specific period shall not be based on the reason of looking for another job.

Article 60: Approval of leave of absence of a prosecutor and its effects

A prosecutor who applied for leave of absence shall receive a written notification within thirty (30) days.

If the applicant does not have a response in the period referred to in previous paragraph of this Article, the application shall be considered as approved.

A prosecutor who has been given a leave of absence for non-specific period is discharged from the service of the public prosecution. He/she shall no longer enjoy the right to the salary and shall not

Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite avec copie pour information au Procureur Général pour:

1° faire des études ou des recherches;

2° exercer un mandat politique;

3° tout autre motif de convenance personnelle qui peut être accepté ou non.

Sans préjudice aux dispositions du point 2° du présent article, la mise en disponibilité ne peut se fonder sur des raisons de recherche d'un autre emploi.

Article 60: Accord de mise en disponibilité de l'officier de poursuite judiciaire et ses effets

Tout officier de poursuite judiciaire qui a demandé la mise en disponibilité reçoit une réponse par écrit endéans trente (30) jours.

Si le délai dont il est fait mention dans le premier paragraph du présent article expire sans que le requérant ait une réponse, la demande est réputée avoir été acceptée.

Tout officier de poursuite judiciaire mis en disponibilité cesse ses fonctions de poursuite judiciaire. Il cesse de bénéficier de ses droits au salaire et n'a pas droit durant la période de mise

ku kazi kubera izabukuru.

Ingingo ya 61: Gusubizwa mu kazi k'umushinjacyaha wahagaritse akazi

Umushinjacyaha wemerewe kuba ahagaritse akazi, ashobora, abisabye mu nyandiko, gusubizwa mu kazi byemejwe n'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha ibisabwe n' Umushinjacyaha Mukuru.

Icyiciro cya 7: Kuva ku murimo w'ubushinjacyaha

Ingingo ya 62: Kurangira k'umurimo w'ubushinjacyaha

Umurimo w'ubushinjacyaha urangira iyo uwawukoraga:

1° yeguye ku bushake bwe;

2° asezerewe nta mpaka;

3° yirukanywe;

4° agiye mu kiruhuko cy'izabukuru;

5° apfuye.

Kuva ku murimo w'Ubushinjacyaha ku mpamvu zivugwa mu gace ka mbere (1°) kugeza ku ka

be entitled to retirement benefits during the time of the leave.

Article 61: Resumption of duty for a prosecutor who was on leave of absence for non specific period

A prosecutor who has been placed on leave of absence may, upon application in writing, be reinstated on duty upon approval by the High Council of the Public Prosecution, upon request by the Prosecutor General.

Section 7: Cessation of the duties of public prosecution

Article 62: End of the duties of public prosecution

The duties of public prosecution come to an end where the prosecutor who carried out it:

1° resigns;

2° is automatically dismissed;

3° is expelled;

4° is retired;

5° dies.

Cessation of the duties of public prosecution for the reasons referred to in subparagraphs One, 2, 3

en disponibilité à l'indemnité de fin de carrière accordée au moment de la mise à la retraite.

Article 61: Reprise de service de l'officier de poursuite judiciaire mis en disponibilité

Tout officier de poursuite judiciaire mis en disponibilité peut, s'il en fait la demande par écrit, réintégrer le service sur décision du Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite, sur proposition du Procureur Général.

Section 7: Cessation des fonctions de poursuite judiciaire

Article 62: Fin des fonctions de poursuite judiciaire

Les fonctions de poursuite judiciaire prennent fin lorsque l'officier de poursuite judiciaire qui les exerçait :

1° démissionne;

2° est démis d'office;

3° est renvoyé;

4° est mis à la retraite ;

5° décède.

La cessation de fonctions de poursuite judiciaire pour les motifs mentionnés aux points 1° à 4° du

kane (4°) k'iyi ngingo, bishyirwa mu bikorwa n'Iteka rya Perezida ku Mushinjacyaha Mukuru n'Umushinjacyaha Mukuru wungirije cyangwa n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe ku bandi bashinjacyaha.

Akiciro ka mbere: Gusezererwa nta mpaka no kwegura ku bushake

Ingingo ya 63: Gusezererwa nta mpaka

Umushinjacyaha asezererwa nta mpaka iyo:

1° atacyujuje ibyangombwa byatumye yemererwa kuba umushinjacyaha cyangwa iyo bamusanganye ubushobozi buke;

2° umwanya yakoragamo uvuyeho ku nyungu z'akazi kandi atagishoboye gusubizwa mu rwego rw'abashinjacyaha cyangwa mu bakozi ba Leta mu gihe giteganyijwe mu ngingo ya 58 y'iri tegeko;

3° yanze kurahira cyangwa iyo yarahiye akamara iminsi cumi n'itanu (15) ataraboneka ku kazi ke nta mpamvu yemewe n'amategeko;

4° yataye akazi nta mpamvu mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) ikurikirana;

and 4 of this Article, shall be implemented by a Presidential Order in case of the Prosecutor General and the Deputy Prosecutor General, or by a Prime Minister's Order in case of other prosecutors.

Sub-section One: Automatic dismissal and resignation

Article 63: Automatic dismissal

A prosecutor is automatically dismissed where:

1° he/she no longer fulfils the conditions for admission as a prosecutor or if he/she is found to have professional incapability;

2° his/her post is suppressed in the interest of the service, without any possibility for reinstatement among prosecutors or civil servant at the expiry of the period provided for by Article 58 of this Law ;

3° he/she refuses to take oath of office or if within a period of fifteen (15) days after taking the oath he/she fails to report to work without any legally accepted reason;

4° he/she abandons office without any justified reason for fifteen (15) consecutive days;

présent article, est mise en application par Arrêté Présidentiel pour le Procureur Général et le Procureur Général Adjoint, ou par Arrêté du Premier Ministre pour les autres officiers de poursuite judiciaire.

Sous-section première: Démission d'office et démission volontaire

Article 63: Démission d'office

Est démis d'office, l'officier de poursuite judiciaire:

1° qui cesse de remplir les conditions d'admissibilité en tant qu'officier de poursuite judiciaire ou dont l'inaptitude professionnelle a été constatée;

2° dont le poste est supprimé dans l'intérêt du service et sans qu'il soit possible de le réintégrer parmi les officiers de poursuite judiciaire ou parmi les agents de la fonction publique à l'expiration du délai prévu à l'article 58 de la présente loi;

3° qui refuse de prêter serment ou qui, quinze (15) jours après sa prestation de serment ne s'est pas présenté à son poste d'attache sans motif légal;

4° qui abandonne le service sans motif valable pendant quinze (15) jours successifs;

5° atagishoboye akazi ku mpamvu z'ubumuga cyangwa z'uburwayi.

Gusezererwa nta mpaka ku Mushinjacyaha Mukuru n'Umushinjacyaha Mukuru wungirije byemezwa n'Iteka rya Perezida.

Ku bandi bashinjacyaha byemezwa n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe bisabwe n'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha.

Ingingo ya 64: Kudashobora akazi

Kwemeza ko umushinjacyaha atagishoboye akazi kubera impamvu z'ubumuga cyangwa z'uburwayi bikorwa n'akanama kagizwe n'abaganga batatu (3) bagenwa na Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze, abisabwe na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha.

Akanama k'abaganga kagomba kugaragaza ko umushinjacyaha atagishoboye gukora akazi k'ubushinjacyaha mu gihe kitarenze amezi atandatu (6) uhereye igihe ako kanama kashyiriweho.

Umushinjacyaha wasezerewe kubera kudashobora gusubira ku kazi byemejwe n'akanama k'abaganga akomeza guhabwa umushahara mu gihe cy'amezi 6.

Iyo ako kanama kemeje ko Umushinjacyaha atazabasha gusubira ku kazi nyuma y'igihe

5° he/she is incapable of discharging his/her duties due to disability or sickness.

Automatic dismissal of the Prosecutor General and the Deputy Prosecutor shall be approved by a Presidential Order.

For other prosecutors, it shall be approved by a Prime Minister's Order upon request by the High Council of the Public Prosecution.

Article 64: Professional incapability

Professional incapability due to disability or sickness is certified by a commission of three (3) doctors appointed by the Minister in charge of health upon request by the President of the High Council of the Public Prosecution.

The commission of doctors must submit a report on professional incapability of the prosecutor within a period of six (6) months, from the date it has been appointed.

A prosecutor who is not capable to resume duties upon approval by a commission of doctors shall be entitled to the salary for six (6) months.

Upon request by the Prosecutor General, the High Council of the Public Prosecution shall dismiss the

5° qui ne peut plus remplir ses fonctions pour cause d'invalidité ou de maladie.

La démission d'office du Procureur Général et du Procureur Général Adjoint est approuvée par Arreté Présidentiel.

Pour les autres officiers de poursuite judiciaire, elle est approuvée par Arreté du Premier Ministre sur demande du Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite.

Article 64 : Inaptitude professionnelle

L'inaptitude professionnelle pour cause d'invalidité ou de maladie est constatée par une Commission médicale composée de trois (3) médecins désignés par le Ministre ayant la Santé dans ses attributions sur demande du Président du Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite.

La Commission médicale se prononce sur l'inaptitude professionnelle de l'officier de poursuite judiciaire dans un délai n'excédant pas six (6) mois, à compter de la date de la désignation.

L'officier de poursuite judiciaire qui n'est pas capable de reprendre le service sur approbation de la commission médicale a droit à un salaire pendant six (6) mois.

Sur proposition du Procureur Général, le Conseil Sipérieur de l'Organe National de Poursuite met

kivugwa mu gika cya kabiri cy'iyi ngingo**,** Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha, ibisabwe n'Umushinjacyaha Mukuru iramusezerera.

Ingingo ya 65: Amafaranga y'ishimwe

Iyo umushinjacyaha asezerewe nta mpaka kubera ivanwaho ry'umurimo, agenerwa amafaranga y'ishimwe abarwa bahereye ku mushahara mbumbe kandi agatangwa ku buryo bukurikira :

1° ukwezi kumwe (1) ku bashinjacyaha bataramara imyaka itanu (5) mu kazi;

2° amezi abiri (2) ku bashinjacyaha bamaze nibura imyaka itanu (5) ariko bataruzuza imyaka icumi (10) mu kazi;

3° amezi atandatu (6) ku bashinjacyaha bamaze nibura imyaka icumi (10) mu kazi.

Ingingo ya 66: Kwegura ku bushake

Kwegura ku bushake bishoboka gusa iyo byemewe n'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha.

Iyo kwegura ku bushake bimaze kwemerwa ntibishobora gusubirwaho**.**

Icyemezo cy'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha

prosecutor if the commission of doctors considers that the concerned prosecutor is incapable to resume duties after the period mentioned in paragraph 2 of this Article.

Article 65: Terminal benefits

When a prosecutor is automatically dismissed due to suppression of the post, he/she shall be entitled to terminal benefits calculated on the basis of the gross salary and paid in the following manner:

1° one (1) month for prosecutors with less than five (5) years in service;

2° two (2) months for prosecutors with at least five (5) years but with less than ten (10) years in service ;

3° six (6) months for prosecutors with at least ten years (10) in service.

Article 66: Resignation

Resignation shall be valid only if it is accepted by the High Council of the Public Prosecution.

The accepted resignation is irrevocable.

The decision of the High Council of the Public

fin aux fonctions de l'officier de poursuite judiciaire si la commission médicale conclut à l'inaptitude de l'officier de poursuite judiciaire concerné même après le délai prévu au paragraphe 2 du présent article.

Article 65: Prime de cessation d'activités

Lorsque l'officier de poursuite judiciaire est démis d'office suite à la suppression de poste, il bénéficie d'une prime de cessation d'activités calculée sur base de son salaire brut et payée comme suit :

1° un mois (1) pour les officiers de poursuite judiciaire justifiant d'une ancienneté de moins de cinq (5) ans;

2° deux (2) mois pour les officiers de poursuite judiciaire justifiant d'une ancienneté de cinq (5) ans au moins mais inférieure à dix (10) ans;

3° six (6) mois pour les officiers de poursuite judiciaire justifiant d'une ancienneté de dix (10) ans au moins.

Article 66: Démission volontaire

La démission volontaire est valable lorsqu'elle est acceptée par le Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite.
La démission volontaire acceptée est irrévocable.

La décision du Conseil Supérieur de l'Organe

kigomba kumenyeshwa Umushinjacyaha mu gihe kitarenze ukwezi kumwe (1) uhereye ku munsi yagejeje icyifuzo cye ku Nama Nkuru y'Ubushinjacyaha.

Iyo icyo gihe kirenze nta cyemezo kirafatwa, uwasabye kwegura aba abyemerewe.

Prosecution must be notified to the concerned prosecutor within a period not exceeding one (1) month from the date the request was made to the High Council of the Public Prosecution.

If a decision is not taken in the period refered to in previous paragraph, the resignation is considered as having been accepted.

National de Poursuite doit être signifiée à l'officier de poursuite judiciaire concerné dans un délai d'un (1) mois à compter du jour du dépôt de la demande au Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite.
Si la décision n'est pas prise dans le délai prévu à l'alinéa précédent, la démission est réputée avoir été acceptée.

Akiciro ka 2: Kwirukanwa k'umushinjacyaha

Sub-section 2: Expulsion of a prosecutor

Sous-section 2: Renvoi de l'officier de poursuite judiciaire

Ingingo ya 67: Kwirukanwa burundu k'umushinjacyaha

Article 67: Expulsion of a prosecutor

Article 67: Renvoi de l'officier de poursuite judiciaire

Hakurikijwe imihango yerekeye imihanirwe iteganyijwe n'iri tegeko, Umushinjacyaha ashobora guhabwa igihano cyo kwirukanwa kubera amakosa akomeye yakoze byemejwe n'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha.

In accordance with the disciplinary procedure provided for by this Law, a prosecutor may be expelled for serious misconduct upon approval of the High Council of the Public Prosecution.

Conformément à la procédure disciplinaire prévue par la présente loi, l'officier de poursuite judiciaire peut être renvoyé pour faute grave par le Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite.

Ashobora kandi kwirukanwa kubera kunanirwa akazi.

He/she may also be expelled for professional incapability.

Il peut aussi être renvoyé pour inaptitude professionnelle.

Kuba Umushinjacyaha atagishoboye akazi, byemezwa n'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha ibisabwe n'Umushinjacyaha Mukuru.

The professional incapability of a prosecutor shall be approved by the High Council of the Public Prosecution, upon request by the Prosecutor General.

L'inaptitude professionnelle d'un officier de poursuite judiciaire est constatée par le Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite sur demande du Procureur Général.

Umushinjacyaha wese wagize amanota agayitse mu isuzumamikorere ahamagarwa n'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha kugira ngo yisobanure mbere yo gufatirwa icyemezo.

Any prosecutor whose perfomance appraisal has been graded as poor shall be summoned by the High Council of the Public Prosecution so that he/she can be heard before any sanction is taken.

Tout officier de poursuite judiciaire ayant obtenu une note médiocre dans son évaluation des performances est appelé à comparaître devant le Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite pour être entendu avant de statuer sur son cas.

Akiciro ka 3: Kujya mu kiruhuko cy'izabukuru k'umushinjacyaha

Ingingo ya 68: Imyaka y'ikiruhuko cy'izabukuru

Umushinjacyaha ajya mu kiruhuko cy'izabukuru iyo yujuje imyaka mirongo itandatu n'itanu (65) y'amavuko. Icyo gihe gishobora kongerwa kugeza ku myaka mirongo irindwi (70) nyir'ubwite abyisabiye cyangwa abisabwe n'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha**,** iyo agifite imbaraga zo gukora.

Umushinjacyaha ashobora kujya mu kiruhuko cy'izabukuru icyo gihe kitaragera kubera impamvu z'uburwayi cyangwa ubumuga iyo amaze nibura imyaka cumi n'itanu (15) mu kazi k'ubushinjacyaha.

Kujya mu kiruhuko cy'izabukuru igihe kigeze cyangwa kitaragera byemezwa n'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha, ibisabwe n'Umushinjacyaha Mukuru.

Ingingo ya 69*:* Amafaranga y'ishimwe ahabwa umushinjacyaha ugiye mu kiruhuko cy'izabukuru

Umushinjacyaha ugiye mu kiruhuko cy'izabukuru ahabwa amafaranga y'ishimwe ahwanye n'amezi cumi n'abiri (12) y'umushahara uhanitse wafatiweho umusanzu w'ubwiteganyirize uwo mushinjacyaha yigeze kugeraho mu mirimo ye y'ubushinjacyaha.

Sous-section 3: Retirement of a prosecutor

Article 68: Retirement age

The retirement age of a prosecutor is sixty five (65) years of age. Such a period may be extended to seventy (70) years upon request by the concerned prosecutor or if he/she is so requested by the High Council of the Public Prosecution when he/she is still able to work.

The retirement may be given in anticipation due to sickness or disability if the concerned prosecutor has effectively served for at least fifteen (15) years in the public prosecution.

The decision of retirement, whether at the retirement age or prematurely is approved by the High Council of the Public Prosecution upon request by the Prosecutor General.

Article 69: Retirement benefits of a prosecutor

A prosecutor who is placed under retirement shall be given retirement benefits equal to twelve (12) months of the highest salary in his/her profession of public prosecution and which constituted the base of calculation of the subscription to the social security.

Sous-section 3: Mise à la retraite de l'officier de poursuite judiciaire

Article 68: Age de la retraite

Ntibemerewe kandi, haba ku giti cyabo cyangwa ibigo bafitemo imigabane, gupiganira amasoko atangwa na RMH.

A Presidential Order shall appoint members of the Board of Directors including the Chairperson and Vice Chairperson.

Members of the Board of Directors shall be selected on the basis of their competence and expertise.

At least thirty per cent (30%) of the members of the Board of Directors shall be females.

Article 7: Sitting allowances for members of the Board of Directors

Members of the Board of Directors present in meetings of the Board of Directors shall be entitled to sitting allowances determined by a Presidential Order.

Article 8: Incompatibilities with membership of the Board of Directors

Members of the Board of Directors shall not be allowed to perform any remunerated activity within RMH.

They are also not allowed, whether as individuals or companies in which they hold shares, to bid for tenders of RMH.

Un arrêté présidentiel nomme les membres du Conseil d'Administration dont le Président et le Vice-président.

Les membres du Conseil d'Administration sont choisis sur base de leur compétence et expertise.

Au moins trente pour cent (30%) des membres du Conseil d'Administration sont du sexe féminin.

Article 7: Jetons de présence des membres du Conseil d'Administration

Les membres du Conseil d'Administration présents aux réunions du Conseil d'Administration bénéficient de jetons de présence dont le montant est déterminé par arrêté présidentiel.

Article 8: Incompatibilités avec la qualité de membre du Conseil d'Administration

Les membres du Conseil d'Administration ne sont pas autorisés d'exercer des fonctions rémunérées au sein du RMH.

Ils ne sont pas non plus autorisés soit individuellement ou les sociétés dont ils sont actionnaires de soumissionner aux marchés du RMH.

Icyiciro cya 2: Ubuyobozi Bukuru

Ingingo ya 9: Abagize Ubuyobozi Bukuru bwa RMH

Abagize Ubuyobozi Bukuru bwa RMH bagenwa n'iteka rya Perezida.

Ububasha, inshingano n'imikorere by'abagize Ubuyobozi Bukuru bwa RMH bigenwa n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

Ingingo ya 10: Sitati igenga abakozi ba RMH n'ibigenerwa abagize Ubuyobozi Bukuru n'abakozi ba RMH

Abakozi ba RMH bagengwa na Sitati rusange igenga abakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta na Sitati yihariye y'Ingabo z'u Rwanda ku bakozi ba RMH b'abasirikare.

Ibigenerwa abagize Ubuyobozi Bukuru n'abakozi ba RMH biteganywa n'amategeko agenga ibyo abakozi b'ibigo bya Leta bagenerwa.

Section 2: General Directorate

Article 9: Composition of the General Directorate of RMH

Members of the General Directorate of RMH shall be appointed by a Presidential Order.

The competence, responsibilities and modalities for fulfilling the duties of the members of the General Directorate of RMH shall be determined by a Prime Minister's Order.

Article 10: Statute governing staff of RMH and benefits for members of the General Directorate and RMH's staff

RMH's staff shall be governed by the general statutes for Rwanda public service and the particular statute of Rwanda Defence Forces for RMH military staff.

Benefits allocated to members of the General Directorate and RMH's staff shall be determined in accordance with legal provisions that govern remuneration of public institutions staff members.

Section 2: Direction Générale

Article 9: Composition de la Direction Générale du RMH

Les membres de la Direction Générale du RMH sont nommés par arrêté présidentiel.

Les compétences, les attributions et les modalités de fonctionnement des membres de la Direction Générale du RMH sont déterminées par arrêté du Premier Ministre.

Article 10: Statut du personnel du RMH et appointements accordés aux membres de la Direction Générale et au personnel du RMH

Le personnel du RMH est régi par le statut général des agents de la fonction publique rwandaise et le statut particulier des Forces Rwandaises de Défense pour le personnel militaire.

Les appointements accordés aux membres de la Direction Générale et au personnel du RMH sont déterminés conformément aux lois régissant les avantages alloués au personnel des établissements publics.

Ingingo ya 11: Imiterere, imikorere n'inshingano by'inzego z'imirimo za RMH

Imiterere, imikorere n'inshingano by'inzego z'imirimo za RMH bigenwa n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe**.**

UMUTWE WA V: UMUTUNGO N'IMARI BYA RMH

Ingingo ya 12: Umutungo wa RMH n'inkomoko yawo

Umutungo wa RMH ugizwe n'umutungo wimukanwa n'utimukanwa.

Umutungo wa RMH ukomoka aha hakurikira :

1° ingengo y'imari igenerwa na Leta;

2° inkunga zaba iza Leta cyangwa iz'abafatanyabikorwa;

3° ibituruka ku mirimo ikorwa n'ibitaro ;

4° inyungu ku mutungo wayo ;

5° inguzanyo;

6° impano n'indagano.

Article 11: Organization, functioning and responsibilities of organs of RMH

The organization, functioning and responsibilities of organs of RMH shall be determined by a Prime Minister's Order.

CHAPTER V: PROPERTY AND FINANCE OF RMH

Article 12: Property of RMH and its sources

The property of RMH is composed of movables and immovables.

The property of RMH shall come from the following sources:

1° State budget;

2° government or partners'grants;

3° income from the services provided by the Hospital;

4° interests from its investment;

5° loans;

6° donations and bequests.

Article 11 : Organisation, fonctionnement et attributions des organes du RMH

L'organisation, le fonctionnement et les attributions des organes du RMH sont déterminés par arrêté du Premier Ministre.

CHAPITRE V: PATRIMOINE ET FINANCES DU RMH

Article 12: Patrimoine du RMH et ses sources

Le patrimoine du RMH est composé de biens meubles et immeubles.

Le patrimoine du RMH provient des sources suivantes :

1° le budget de l'Etat ;

2° les subventions de l'Etat ou des partenaires ;

3° les revenus issus des services prestés par l'Hôpital ;

4° les intérêts issus de son patrimoine;

5° prêts ;

6° les dons et legs.

Ingingo ya 13: Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa RMH

Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa RMH bikorwa hakurikijwe amategeko abigenga.

Ubugenzuzi bushinzwe igenzura rya buri munsi ry'imikoreshereze y'umutungo wa RMH buha raporo Inama y'Ubuyobozi, bukagenera kopi uyobora Ubuyobozi Bukuru bwa RMH.

Ubugenzuzi bukorwa kandi n'Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta buri mwaka n'igihe cyose bibaye ngombwa.

Article 13: Use, management and audit of the property of RMH

The use, management and audit of the property of RMH shall be carried out in accordance with relevant legal provisions.

RMH internal audit unit shall submit a report to the Board of Directors with a copy to the head of the General Directorate of RMH.

The audit shall also be conducted by the Office of the Auditor General of State Finances every year and whenever necessary.

Article 13: Utilisation, gestion et audit du patrimoine du RMH

L'utilisation, la gestion et l'audit du patrimoine du RMH sont effectués conformément aux dispositions légales en la matière.

Le service d'audit interne du RMH transmet son rapport au Conseil d'Administration et en réserve copie au dirigeant de la Direction Générale du RMH.

L'audit est aussi effectué par l'Office de l'Auditeur Général des Finances de l'Etat chaque année et chaque fois qu'il est nécessaire**.**

Ingingo ya 14: Iyemeza n'imicungire by'ingengo y'imari ya RMH

Ingengo y'imari ya RMH yemezwa kandi igacungwa hakurikijwe amategeko abigenga.

Article 14: Approval and management of the budget of RMH

The budget of RMH shall be approved and managed in accordance with relevant legal provisions.

Article 14: Adoption et gestion du budget du RMH

Le budget du RMH est adopté et géré conformément aux dispositions légales en la matière.

Ingingo ya 15: Raporo y'umwaka w'ibaruramari

Mu mezi atatu (3) akurikira impera z'umwaka w'ibaruramari, uyobora Ubuyobozi Bukuru bwa RMH ashyikiriza Urwego rureberera RMH raporo y'umwaka w'ibaruramari, imaze

Article 15: Annual financial report

Within three (3) months following the closure of the financial year, the head of the General Directorate of RMH shall submit the annual financial report to the supervising authority of

Article 15: Rapport annuel de l'exercice comptable

Dans les trois (3) mois qui suivent la fin de l'exercice comptable, le dirigeant de la direction générale du RMH transmet à l'organe de tutelle du RMH, le rapport annuel

kwemezwa n'Inama y'Ubuyobozi hakurikijwe amategeko agenga imicungire y'imari n'umutungo bya Leta.

RMH after its approval by the Board of Directors in accordance with legal provisions governing management of State finance and property.

de l'exercice comptable après son approbation par le Conseil d'Administration conformément aux dispositions légales régissant les finances et le patrimoine de l'Etat.

UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA

CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS

CHAPITRE VI: DISPOSITIONS FINALES

Ingingo ya 16: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko

Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

Article 16: Drafting, consideration and adoption of this Law

This Law was drafted, considered and adopted in Kinyarwanda.

Article 16: Initiation, examen et adoption de la présente loi

La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

Ingingo ya 17: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Article 17: Repealing provision

All prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.

Article 17: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Ingingo ya 18: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Article 18: Commencement

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Article 18: Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, ku wa **29/02/2012**

Kigali, on **29/02/2012**

Kigali, le **29/02/2012**

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

(sé)
Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

(sé)
Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITEGEKO N°08/2012 RYO KUWA 29/02/2012 RISHYIRAHO IKIGO CYA GISIRIKARE CY'UBWISHINGIZI KU NDWARA (MMI) RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYACYO	**LAW N°08/2012 OF 29/02/2012 ESTABLISHING MILITARY MEDICAL INSURANCE (MMI) AND DETERMINING ITS MISSION, ORGANIZATION AND FUNCTIONING**	**LOI N°08/2012 DU 29/02/2012 PORTANT CREATION DE L'ASSURANCE MALADIE DES MILITAIRES (MMI) ET DETERMINANT SES MISSIONS, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT**
ISHAKIRO	**TABLE OF CONTENTS**	**TABLE DES MATIERES**
UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE **Ingingo ya mbere** : **Icyo iri tegeko rigamije** **Ingingo ya 2: Icyicaro cya MMI** **Ingingo ya 3: Imari shingiro** **UMUTWE WA II: INSHINGANO ZA MMI** **Ingingo ya 4: Inshingano za MMI** **UMUTWE WA III: URWEGO RUREBERERA MMI N'ICYICIRO IRIMO** **Ingingo ya 5: Urwego rureberera MMI n'icyiciro irimo**	**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS** **Article One: Purpose of this Law** **Article 2: Head office of MMI** **Article 3: Share Capital** **CHAPTER II: MISSION OF MMI** **Article 4: Mission of MMI** **CHAPTER III: SUPERVISING AUTHORITY OF MMI AND ITS CATEGORY** **Article 5: Supervising Authority of MMI and its category**	**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES** **Article premier** : **Objet de la présente loi** **Article 2** : **Siège du MMI** **Article 3** : **Capital social** **CHAPITRE II: MISSIONS DU MMI** **Article 4: Missions du MMI** **CHAPITRE III: ORGANE DE TUTELLE DU MMI ET SA CATEGORIE** **Article 5: Organe de tutelle du MMI et sa catégorie**

UMUTWE WA IV: IMITERERE N'IMIKORERE BYA MMI	**CHAPTER IV: ORGANIZATION AND FUNCTIONING OF MMI**	**CHAPITRE IV: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DU MMI**
Ingingo ya 6: Inzego z'Ubuyobozi za MMI	**Article 6: Management Organs of MMI**	**Article 6: Organes de direction du MMI**
Icyiciro cya mbere: Inama y'Ubuyobozi	**Section One: Board of Directors**	**Section première: Conseil d'Administration**
Ingingo ya 7: Inama y'Ubuyobozi ya MMI	**Article 7: Board of Directors of MMI**	**Article 7: Conseil d'Administration du MMI**
Ingingo ya 8: Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama	**Article 8: Sitting allowances for members of the Board of Directors**	**Article 8: Jetons de présence des membres du Conseil d'Administration**
Ingingo ya 9: Ibitabangikanywa no kuba mu Nama y'Ubuyobozi	**Article 9: Incompatibilities with membership of the Board of Directors**	**Article 9: Incompatibilités avec la qualité de membre du Conseil d'Administration**
Icyiciro cya 2: Ubuyobozi Bukuru	**Section 2: General Directorate**	**Section 2: Direction Générale**
Ingingo ya 10: Abagize Ubuyobozi Bukuru bwa MMI	**Article 10: Members of the General Directorate of MMI**	**Article 10: Membres de la Direction Générale du MMI**
Ingingo ya 11: Sitati igenga abakozi ba MMI n'ibigenerwa abagize Ubuyobozi Bukuru n'abakozi ba MMI	**Article 11: Statute governing MMI's staff and benefits for members of the General Directorate and MMI's staff**	**Article 11: Statut du personnel du MMI et appointements accordés aux membres de la Direction Générale et au personnel du MMI**
Ingingo ya 12: Imitunganyirize n'imicungire y'ubwishingizi bwa MMI	**Article 12: Organization and management of insurance of MMI**	**Article 12: Organisation et gestion de l'assurance du MMI**
Ingingo ya 13: Imiterere, imikorere n'inshingano by'inzego z'imirimo za MMI	**Article 13: Organization, functioning and responsibilities of organs of MMI**	**Article 13 : Organisation, fonctionnement et attributions des organes du MMI**

UMUTWE WA V: UMUTUNGO N'IMARI BYA MMI	**CHAPTER V: PROPERTY AND FINANCE OF MMI**	**CHAPITRE V: PATRIMOINE ET FINANCES DU MMI**
Ingingo ya 14: Umutungo wa MMI n'inkomoko yawo	**Article 14: Property of MMI and its sources**	**Article 14: Patrimoine du MMI et ses sources**
Ingingo ya 15: Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa MMI	**Article 15: Use, management and audit of the property of MMI**	**Article 15: Utilisation, gestion et audit du patrimoine du MMI**
Ingingo ya 16: Iyemeza n'imicungire by'ingengo y'imari ya MMI	**Article 16: Approval and management of the budget of MMI**	**Article 16: Adoption et gestion du budget du MMI**
Ingingo ya 17: Raporo y'umwaka w'ibaruramari	**Article 17: Annual financial report**	**Article 17: Rapport annuel de l'exercice comptable**
UMUTWE WA VI: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA	**CHAPTER VI: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE VI: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES**
Ingingo ya 18: Kwegurirwa amasezerano, ibikorwa n'umutungo bya MMI	**Article 18 : Transfer of agreements, activities and property of MMI**	**Article 18 : Cession des contrats, des activités et du patrimoine du MMI**
Ingingo ya 19: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko	**Article 19: Drafting, consideration and adoption of this Law**	**Article 19: Initiation, examen et adoption de la présente loi**
Ingingo ya 20: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko	**Article20: Repealing provision**	**Article 20: Disposition abrogatoire**
Ingingo ya 21: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa	**Article 21: Commencement**	**Article 21: Entrée en vigueur**

ITEGEKO N°08/2012 RYO KUWA 29/02/2012 RISHYIRAHO IKIGO CYA GISIRIKARE CY'UBWISHINGIZI KU NDWARA (MMI) RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYACYO

LAW N°08/2012 OF 29/02/2012 ESTABLISHING MILITARY MEDICAL INSURANCE (MMI) AND DETERMINING ITS MISSION, ORGANIZATION AND FUNCTIONING

LOI N°08/2012 DU 29/02/2012 PORTANT CREATION DE L'ASSURANCE MALADIE DES MILITAIRES (MMI) ET DETERMINANT SES MISSIONS, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République ;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT, ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

THE PARLIAMENT:

LE PARLEMENT:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 05 Mutarama 2012;

The Chamber of Deputies, in its session of 05 January 2012;

La Chambre des Députés, en sa séance du 05 janvier 2012;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 16 Mutarama 2012;

The Senate, in its session of 16 January 2012;

Le Sénat, en sa séance du 16 janvier 2012;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 4 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 62, iya 66, iya 67, iya 81, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93**,** iya 95, iya

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in Articles 62, 66, 67, 81, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, 113, 118, 183 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 4 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 62, 66, 67, 81, 88, 89, 90, 92, 93, 95**,** 108, 113, 118, 183 et 201;

108, iya 113, iya 118, iya 183 n'iya 201; Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 06/2009/OL ryo kuwa 21/12/2009 rishyiraho amategeko rusange yerekeye ibigo bya Leta nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu;	Pursuant to Organic Law n° 06/2009/OL of 21/12/2009 establishing general provisions governing public institutions as modified and complemented to date;	Vu la Loi Organique n° 06/2009/OL du 21/12/2009 portant dispositions générales applicables aux établissements publics telle que modifiée et complétée à ce jour;
Ishingiye ku Itegeko n° 42/1988 ryo kuwa 27/10/1988 ryerekeye interuro y'ibanze n'Igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano;	Pursuant to Law n° 42/1988 of 27/10/1988 establishing the preliminary Title and Book I of the Civil Code;	Vu la Loi n° 42/1988 du 27/10/1988 portant titre préliminaire et livre premier du Code Civil;
Ishingiye ku Itegeko n° 52/2008 ryo kuwa 10/09/2008 ryerekeye imitunganyirize y'umurimo w'ubwishingizi;	Pursuant to Law n° 52/2008 of 10/09/2008 concerning the Organization of Insurance business;	Vu la Loi n° 52/2008 du 10/09/2008 portant organisation des activités d'assurances ;
Isubiye ku Itegeko n° 23/2005 ryo kuwa 12/12/2005 rishyiraho Ikigo cya Gisirikare cy'Ubwishingizi ku Ndwara rikanagena imitunganyirize n'imikorere byacyo;	Having reviewed Law nº 23/2005 of 12/12/2005 establishing Military Medical Insurance and determining its organization and functioning;	Revu la Loi n° 23/2005 du 12/12/2005 portant création, organisation et fonctionnement de l'Assurance Maladie des Militaires ;
YEMEJE :	**ADOPTS:**	**ADOPTE :**
UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**	**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES**
Ingingo ya mbere : **Icyo iri tegeko rigamije**	**Article One: Purpose of this Law**	**Article premier** : **Objet de la présente loi**
Iri tegeko rishyiraho Ikigo cya gisirikare cy'ubwishingizi ku ndwara, cyitwa «MMI» mu magambo ahinnye y'Icyongereza. Iri tegeko rigena kandi inshingano, imiterere	This Law establishes the Military Medical Insurance, abbreviated as "MMI". It also determines its mission, organization and functioning.	La présente loi porte création de l'Assurance Maladie des Militaires, «MMI» en sigle anglais. Elle détermine également ses missions, son organisation et son fonctionnement.

n'imikorere byacyo.
MMI ifite ubuzimagatozi n'ubwigenge mu miyoborere, mu micungire y'umutungo n'abakozi bayo, kandi icungwa hakurikijwe amategeko agenga ibigo bya Leta.

Ingingo ya 2: Icyicaro cya MMI

Icyicaro cya MMI kiri mu Mujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda igihe bibaye ngombwa.

MMI ishobora gushinga amashami ahandi hose mu gihugu bibaye ngombwa kugira ngo igere ku nshingano zayo, byemejwe n'Inama y'Ubuyobozi yayo.

Ingingo ya 3: Imari shingiro

Imari shingiro ya MMI ishyizwe kuri miliyari imwe (1.000.000.000) y'amafaranga y'u Rwanda. Iyo mari shingiro igizwe n'imisanzu itangwa na Leta hamwe n'imisanzu itangwa n'abanyamuryango bishingirwa na MMI.
Imari shingiro ishobora kongerwa n'amafaranga yateganyijwe ku ruhande abyazwa inyungu, Inama y'Ubuyobozi imaze kubyunguranaho ibitekereko bikemezwa n'urwego rureberera MMI Ishobora kandi kongerwa n'amafaranga atanzwe ku nkunga ya Leta.

MMI shall have a legal personality, administrative and financial autonomy and shall be governed in accordance with laws governing public institutions.

Article 2: Head office of MMI

The head office of MMI is located in Kigali City, the Capital City of the Republic of Rwanda. It may be transferred elsewhere in Rwanda if deemed necessary.

In order to fulfill its mission, MMI may establish branches elsewhere in the country if deemed necessary, upon approval by its Board of Directors.

Article 3: Share Capital

The share capital of MMI shall be one billion Rwandan francs (Rwf 1,000,000,000). It will be subscribed by contributions from the Government of Rwanda and insured member persons.
The share capital may be increased either by the capitalisation of reserves on the decision of the Board of Directors upon approval by the Supervising Authority of MMI. It may also be increased by grants from the Government.

MMI est doté de la personnalité juridique et de l'autonomie administrative et financière et est géré conformément aux dispositions générales applicables aux établissements publics.

Article 2 : **Siège du MMI**

Le siège du MMI est établi dans la Ville de Kigali, Capitale de la République du Rwanda. Il peut, en cas de nécessité, être transféré en tout autre lieu du territoire de la République du Rwanda.

Pour mieux s'acquitter de sa mission, MMI peut, en cas de nécessité, établir des branches en tout autre lieu du territoire national après approbation par son Conseil d'Administration.

Article 3 : **Capital Social**

Le capital social du MMI est fixé à un milliard de francs rwandais (1.000.000.000 Frw). Il est entièrement souscrit par la contribution patronale de l'Etat ainsi que les contributions des affiliés.
Le capital social peut être augmenté, soit par incorporation des réserves, sur résolution du Conseil d'Administration approuvée par l'Organe de tutelle du MMI. Il peut aussi être augmenté par des subventions de l'Etat.

UMUTWE WA II: INSHINGANO ZA MMI

Ingingo ya 4: Inshingano za MMI

Inshingano z'ingenzi za MMI ni izi zikurikira:

1° kwishingira ibikorwa by'ubuvuzi mu Rwanda gusa bikorerwa Ingabo z'u Rwanda n'abandi bafashemo ubwishingizi bw'indwara ndetse n'imiryango yabo yemewe n'amategeko;

2° kwakira imisanzu y'abanyamuryango bayo n'inkunga zinyuranye;

3° gucunga umutungo wayo;

4° gushora imari hakurikijwe amategeko;

5° kugirana amasezerano n'amavuriro ya Leta cyangwa ay'abikorera ku giti cyabo, farumasi, ibigo biranguza bikanatumiza imiti mu mahanga, ibigo by'ubwisungane ku ndwara n'ibigo by'ubwishingizi;

6° kwishyura ibikorwa by'ubuvuzi byakorewe abanyamuryango bayo n'abo bishingira mu rwego rwo kwivuza;

7° kunoza no gukurikiranira hafi ibikorwa

CHAPTER II: MISSION OF MMI

Article 4: Mission of MMI

The main mission of MMI shall be the following:

1° to cover medical care to Rwanda Defence Forces and others who subscribe to this insurance, only within Rwanda and their eligible family members;

2° to receive contributions of its members and various grants;

3° to ensure management of its assests;

4° to undertake investments in accordance with laws;

5° to conclude contracts with public or private health centers, pharmacies, pharmaceutical warehouses, health insurance institutions and insurance institutions;

6° to pay fees for medical services offered to its members and their eligible members;

7° to improve and supervise medical

CHAPITRE II: MISSIONS DU MMI

Article 4: Missions du MMI

Les missions principales du MMI sont les suivantes:

1° couvrir uniquement au Rwanda les soins médicaux au profit des Forces Rwandaises de Défense et aux autres qui souscriraient à cette assurance ainsi qu'à leurs ayants droit;

2° percevoir les cotisations de ses affiliés et les dons divers ;

3° assurer la gestion de son patrimoine;

4° procéder à des investissements conformément aux lois;

5° conclure des conventions avec des établissements sanitaires privés ou publics, des pharmacies, dépôts pharmaceutiques, des institutions d'assurance maladie ainsi que des institutions d'assurance ;

6° payer les factures relatives aux soins médicaux de ses affiliés et de leurs ayants droit ;

7° améliorer et faire le suivi des activités

by'ubuvuzi byishingirwa na MMI;

8° gushyikirana no gukorana n'ibindi bigo bihuje inshingano byo mu rwego rw'Igihugu, urw'Akarere cyangwa Mpuzamahanga.

services insured by MMI;

8° to establish relations and collaborate with other national, regional or international agencies having the same mission.

médicales assurées par MMI ;

8° établir des relations et collaborer avec les autres institutions nationales, régionales ou internationales ayant une mission similaire.

UMUTWE WA III: URWEGO RUREBERERA MMI N'ICYICIRO IRIMO

Ingingo ya 5: Urwego rureberera MMI n'icyiciro irimo

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyiraho Urwego rureberera MMI n'icyiciro irimo.

Hagati y'Urwego rureberera MMI n'Inama y'Ubuyobozi hakorwa amasezerano yerekeye gahunda y'ibikorwa agaragaza ububasha, uburenganzira n'inshingano za buri ruhande mu kugeza MMI ku nshingano zayo.

Ayo masezerano amara igihe gihwanye na manda y'abagize Inama y'Ubuyobozi.

CHAPTER III: SUPERVISING AUTHORITY OF MMI AND ITS CATEGEORY

Article 5: Supervising authority of MMI and its category

A Prime Minister's Order shall determine the supervising authority of MMI and its category.

There shall be concluded a performance contract between the supervising authority of MMI and the Board of Directors indicating the competence, rights and obligations of each party in order for MMI to fulfill its mission.

Such a contract shall be valid for a period equal to the term of office of members of the Board of Directors.

CHAPITRE III: ORGANE DE TUTELLE DU MMI ET SA CATEGORIE

Article 5: Organe de tutelle du MMI et sa catégorie

Un arrêté du Premier Ministre détermine l'organe de tutelle du MMI et sa catégorie.

Il est signé, entre l'organe de tutelle du MMI et le Conseil d'Administration, un contrat de performance déterminant les compétences, les droits et les obligations de chaque partie en vue de la réalisation des missions du MMI.

Ce contrat est valide pour une durée égale au mandat des membres du Conseil d'Administration.

UMUTWE WA IV: IMITERERE N'IMIKORERE BYA MMI

Ingingo ya 6: Inzego z'Ubuyobozi za MMI

CHAPTER IV: ORGANIZATION AND FUNCTIONING OF MMI

Article 6: Management Organs of MMI

CHAPITRE IV: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DU MMI

Article 6: Organes de direction du MMI

MMI igizwe n'inzego z'ubuyobozi ebyiri (2) zikurikira:

1° Inama y'Ubuyobozi;

2°Ubuyobozi Bukuru.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishobora kugena izindi nzego za ngombwa, kugira ngo MMI ishobore kurangiza neza inshingano zayo.

Icyiciro cya mbere: Inama y'Ubuyobozi

Ingingo ya 7: Inama y'Ubuyobozi ya MMI

Inama y'Ubuyobozi ya MMI ni rwo rwego ruyiyobora kandi rufata ibyemezo. Ububasha, inshingano n'imikorere byayo kimwe n'igihe abayigize bamara ku mirimo yabo bigenwa n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

Iteka rya Perezida rishyiraho abagize Inama y'Ubuyobozi harimo Perezida na Visi Perezida.

Abagize Inama y'Ubuyobozi batoranywa hakurikijwe ubushobozi n'ubuzobere bwabo.

Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagize Inama y'Ubuyobozi bagomba kuba ari abagore.

MMI shall have the following two (2) management organs:

1° the Board of Directors;

2° the General Directorate.

A Prime Minister's Order may determine other necessary organs of MMI in order to fulfill its mission.

Section One: Board of Directors

Article 7: Board of Directors of MMI

The Board of Directors of MMI shall be the governing and decision making organ. The competence, responsibilities and functioning of the Board of Directors as well as the term of office of its members shall be determined by a Prime Minister's Order.

A Presidential Order shall appoint members of the Board of Directors including the Chairperson and the Vice-Chairperson.

Members of the Board of Directors shall be selected on the basis of their competence and expertise.

At least thirty per cent (30%) of members of the Board of Directors shall be females.

MMI est doté de deux (2) organes de direction suivants:

1° le Conseil d'Administration;

2° la Direction Générale.

Un arrêté du Premier Ministre peut déterminer d'autres organes du MMI en vue de la réalisation de ses missions.

Section première: Conseil d'Administration

Article 7: Conseil d'Administration du MMI

Le Conseil d'Administration du MMI est l'organe de direction et de décision. Ses compétences, ses attributions et son fonctionnement ainsi que la durée du mandat de ses membres sont déterminés par arrêté du Premier Ministre.

Un arrêté présidentiel nomme les membres du Conseil d'Administration dont le Président et le Vice-président.

Les membres du Conseil d'Administration sont choisis sur base de leur compétence et expertise.

Au moins trente pour cent (30%) des membres du Conseil d'Administration sont de sexe féminin.

Ingingo ya 8: Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama

Abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama z'Inama y'Ubuyobozi bagenerwa amafaranga agenwa n'iteka rya Perezida.

Article 8: Sitting allowances for members of the Board of Directors

Members of the Board of Directors present in meetings of the Board of Directors shall be entitled to sitting allowances determined by a Presidential Order.

Article 8: Jetons de présence des membres du Conseil d'Administration

Les membres du Conseil d'Administration présents aux réunions du Conseil d'Administration bénéficient de jetons de présence dont le montant est déterminé par arrêté présidentiel.

Ingingo ya 9: Ibitabangikanywa no kuba mu Nama y'Ubuyobozi

Abagize Inama y'Ubuyobozi ntibemerewe gukora umurimo ugenerwa igihembo muri MMI.

Ntibemerewe kandi, haba ku giti cyabo cyangwa ibigo bafitemo imigabane, gupiganira amasoko atangwa na MMI.

Article 9: Incompatibilities with membership of the Board of Directors

Members of the Board of Directors shall not be allowed to perform any remunerated activity in MMI.

They shall also not be allowed, whether individually or companies in which they hold shares, to bid for tenders of MMI.

Article 9: Incompatibilités avec la qualité de membre du Conseil d'Administration

Les membres du Conseil d'Administration ne sont pas autorisés à exercer des fonctions rémunérées au sein du MMI.

Ils ne sont non plus autorisés, soit individuellement ou les sociétés dont ils sont actionnaires, à soumissionner aux marchés du MMI.

Icyiciro cya 2: Ubuyobozi Bukuru

Section 2: General Directorate

Section 2: Direction Générale

Ingingo ya 10: Abagize Ubuyobozi Bukuru bwa MMI

Abagize Ubuyobozi Bukuru bwa MMI bagenwa n'iteka rya Perezida.

Ububasha, inshingano n'imikorere by'abagize Ubuyobozi Bukuru bwa MMI bigenwa n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

Article 10: Members of the General Directorate of MMI

Members of the General Directorate of MMI shall be appointed by a Presidential Order.

The competence, responsibilities and modalities for fulfilling the duties of members of the General Directorate of MMI shall be

Article 10: Membres de la Direction Générale du MMI

Les membres de la Direction Générale du MMI sont nommés par arrêté présidentiel.

Les compétences, les attributions et les modalités de fonctionnement des membres de la Direction Générale du MMI sont déterminées

	determined by a Prime Minister's Order.	par arrêté du Premier Ministre.
Ingingo ya 11: Sitati igenga abakozi ba MMI n'ibigenerwa abagize Ubuyobozi Bukuru n'abakozi ba MMI	**Article 11: Statute governing MMI's staff and benefits for members of the General Directorate and MMI's staff**	**Article 11: Statut du personnel du MMI et appointements accordés aux membres de la Direction Générale et au personnel du MMI**
Abakozi ba MMI bagengwa na Sitati rusange igenga abakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta na sitati yihariye y'Ingabo z'u Rwanda ku bakozi ba MMI b'abasirikare.	MMI's staff shall be governed by the General Statute for Rwanda Public Service and the particular statute of Rwanda Defence Forces for MMI military staff.	Le personnel du MMI est régi par le Statut Général des Agents de la Fonction Publique Rwandaise et le statut particulier des Forces Rwandaises de Défense pour le personnel militaire.
Ibigenerwa abagize Ubuyobozi Bukuru n'abakozi ba MMI biteganywa n'amategeko agenga ibyo abakozi b'ibigo bya Leta bagenerwa.	Benefits allocated to members of the General Directorate and to MMI's staff shall be determined in accordance with legal provisions governing benefits to employees of public institutions.	Les appointements accordés aux membres de la Direction Générale et au personnel du MMI sont déterminés conformément aux lois régissant les avantages alloués au personnel des établissements publics.
Ingingo ya 12 : Imitunganyirize n'imicungire y'ubwishingizi bwa MMI	**Article 12: Organization and management of insurance of MMI**	**Article 12: Organisation et gestion de l'assurance du MMI**
Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena imitunganyirize n'imicungire by'ubwishingizi bwa MMI.	A Prime Minister's Order shall determine the organization and management of the MMI insurance.	Un arrêté du Premier Ministre détermine l'organisation et la gestion de l'assurance du MMI.
Ingingo ya 13: Imiterere, imikorere n'inshingano by'inzego z'imirimo za MMI	**Article 13: Organization, functioning and responsibilities of organs of MMI**	**Article 13: Organisation, fonctionnement et attributions des organes du MMI**
Imiterere, imikorere, n'inshingano by'inzego z'imirimo za MMI bigenwa n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.	The organization, functioning and missions of organs of MMI shall be determined by a Prime Minister's Order.	L'organisation, le fonctionnement et les missions des organes du MMI sont déterminés par arrêté du Premier Ministre.

UMUTWE WA V: UMUTUNGO N'IMARI BYA MMI

Ingingo ya 14: Umutungo wa MMI n'inkomoko yawo

Umutungo wa MMI ugizwe n'umutungo wimukanwa n'utimukanwa.

Umutungo wa MMI ukomoka aha hakurikira:

1° imisanzu ya buri kwezi y'abishingiwe;

2° inyungu z'ubukererwe ku misanzu idatangiwe igihe;

3° ibikorwa bibyara inyungu;

4° inyungu zikomoka ku mafaranga abikijwe ;

5° inguzanyo, impano n'indagano ;

6° inkunga ziturutse kuri Leta;

7° undi mutungo wose Inama y'Ubuyobozi yemeje.

Ingingo ya 15: Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa MMI

Imikoreshereze**,** imicungire n**'**imigenzurire by'umutungo wa MMI bikorwa hakurikijwe amategeko abigenga.

Ubugenzuzi bushinzwe igenzura rya buri munsi

CHAPTER V: PROPERTY AND FINANCE OF MMI

Article 14: Property of MMI and its sources

The property of MMI shall comprise movables and immovables.

The property of MMI shall come from the following sources:

1° monthly subscriptions of the insured;

2° net penalties on arrears;

3° income generating activities;

4° interests on deposits;

5° loans, donations and legacies;

6° Government grants;

7°any other resource approved by the Board of Directors.

Article 15: Use, management and audit of the property of MMI

The use, management and audit of the property of MMI shall be carried out in accordance with relevant legal provisions.

The internal audit department of MMI shall

CHAPITRE V: PATRIMOINE ET FINANCES DU MMI

Article 14: Patrimoine du MMI et ses sources

Le patrimoine du MMI comprend les biens meubles et immeubles.

Le patrimoine du MMI provient des sources suivantes:

1° les contributions mensuelles des assurés;

2° les majorations de retard;

3° les activités génératrices de revenus;

4° les intérêts sur les dépôts ;

5° les prêts, dons et legs ;

6° les subventions de l'Etat ;

7° tout autre patrimoine approuvé par le Conseil d'Administration.

Article 15: Utilisation, gestion et audit du patrimoine du MMI

L'utilisation, la gestion et l'audit du patrimoine du MMI sont effectués conformément aux dispositions légales en la matière.

Le service d'audit interne du MMI transmet son

ry'imikoreshereze y'umutungo wa MMI buha raporo Inama y'Ubuyobozi, bukagenera kopi uyobora Ubuyobozi Bukuru bwa MMI.

submit a report to the Board of Directors with a copy to the head of the General Directorate of MMI.

rapport au Conseil d'Administration et en réserve copie au responsable de la Direction Générale du MMI.

Ubugenzuzi bukorwa kandi n'Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta buri mwaka n'igihe cyose bibaye ngombwa.

The audit shall also be conducted by the Office of the Auditor General of State Finances every year and whenever necessary.

L'audit est aussi effectué par l'Office de l'Auditeur Général des Finances de l'Etat chaque année et chaque fois qu'il est nécessaire.

Imisanzu y'ubwishingizi isonewe imisoro n'amahoro.

Insurance contributions shall be tax free.

Les contributions d'assurance sont exemptées des taxes et impôts.

Ubundi busonerwe bw'umusoro ku nyungu, ku ishoramari n'indi misoro ikomoka ku bikorwa by'ibigo bikora umwuga w'ubwishingizi bugenwa n'amategeko agenga imisoro.

Other types of exemption of income tax, investment tax as well as tax on insurance companies' activities shall be determined by fiscal legislation.

Les autres types d'exonération des taxes et impôts sur le revenu, sur l'investissement ainsi que des taxes et impôts sur les activités des sociétés d'assurance sont définis par la législation fiscale.

Ingingo ya 16: Iyemeza n'imicungire by'ingengo y'imari bya MMI

Article 16: Approval and management of the budget of MMI

Article 16: Adoption et gestion du budget du MMI

Ingengo y'imari ya MMI yemezwa kandi igacungwa hakurikijwe Itegeko Ngenga ryerekeye imari n'umutungo bya Leta.

The budget of MMI shall be approved and managed in accordance with Organic Law on State finance and property.

Le budget du MMI est adopté et géré conformément à la Loi Organique relative aux finances et au patrimoine de l'Etat.

Ingingo ya 17: Raporo y'umwaka w'ibaruramari

Article 17: Annual financial report

Article 17: Rapport annuel de l'exercice comptable

Mu mezi atatu (3) akurikira impera z'umwaka w'ibaruramari, uyobora Ubuyobozi Bukuru bwa MMI ashyikiriza Urwego rureberera MMI raporo y'umwaka w'ibaruramari, imaze

Within three (3) months following the closure of the financial year, the head of General Directorate of MMI shall submit to the supervising authority of MMI an annual

Dans les trois (3) mois qui suivent la fin de l'exercice comptable, le dirigeant de la Direction Générale du MMI transmet à l'organe de tutelle du MMI, le rapport annuel de

kwemezwa n'Inama y'Ubuyobozi hakurikijwe amategeko agenga imicungire y'imari n'umutungo bya Leta.

financial report after its approval by the Board of Directors in accordance with legal provisions governing management of State finance and property.

l'exercice comptable après son approbation par le Conseil d'Administration conformément aux dispositions légales régissant les finances et le patrimoine de l'Etat.

UMUTWE WA VI: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA

CHAPTER VI: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS

CHAPITRE VI: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES

Ingingo ya 18: Kwegurirwa amasezerano, ibikorwa n'umutungo bya MMI

Article 18: Transfer of agreements, activities and property of MMI

Article 18 : Cession des contrats, des activités et du patrimoine du MMI

Amasezerano, ibikorwa n'umutungo bya MMI yashyizweho n'Itegeko n° 23/2005 ryo kuwa 12/12/2005 rishyiraho Ikigo cya Gisirikare cy'Ubwishingizi ku Ndwara (MMI) rikanagena imitunganyirize n'imikorere byacyo bikomeza kuba ibya MMI ishyizweho n'iri tegeko.

Agreements, activities and property of MMI established under Law n° 23/2005 of 12/12/2005 establishing Military Medical Insurance (MMI) and determining its organization and functioning shall continue to be owned by MMI established under this Law.

Les contrats, les activités et le patrimoine du MMI créé en vertu de la Loi n° 23/2005 du 12/12/2005 portant création de l'Assurance Maladie des Militaires (MMI) et déterminant son organisation et son fonctionnement restent la propriété du MMI créé en vertu de la présente loi.

Ingingo ya 19: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko

Article 19: Drafting, consideration and adoption of this Law

Article 19: Initiation, examen et adoption de la présente loi

Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

This Law was drafted, considered and adopted in Kinyarwanda.

La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

Ingingo ya 20: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Article 20: Repealing provision

Article 20: Disposition abrogatoire

Itegeko n° 23/2005 ryo kuwa 12/12/2005 rishyiraho Ikigo cya gisirikare cy'ubwishingizi ku ndwara (MMI) rikanagena imitunganyirize

Law n° 23/2005 of 12/12/2005 establishing Military Medical Insurance (MMI) and determining its organization and functioning

La Loi n° 23/2005 du 12/12/2005 portant création, organisation et fonctionnement de l'Assurance Maladie des Militaires et toutes les

n'imikorere byacyo n'ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.

Ingingo ya 21: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 29/02/2012

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)

Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika :

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

and all other prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.

Article 21: Commencement

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 29/02/2012

(sé)

KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)

Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

autres dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Article 21: Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 29/02/2012

(sé)

KAGAME Paul
Président de la République

(sé)

Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux